**KOLEJI Y'UBUREZI**

**ISHURI RY'UBUREZI**

# URUHARE RW'IBYIVUGO BY'INTORE MURI IKI GIHE MU KUBAKA ITERAMBERE RIRAMBYE

Yanditswe na:

**NGARAMBE Sylvestre**

**NOMERO: 220017850**

**INYANDIKO Y'UBUSHAKASHATSI IMURITSWE MU RWEGO GUHESHA NYIRAYO IMPAMYABUMENYI Y'UBUZOBERE MURI KAMINUZA Y'U RWANDA.**

Umuyobozi: **Dogiteri TWAGILIMANA Innocent**

Umuyobozi wungirije: **BAYAVUGE Jules**

**Kamena, 2022**

**UBUHAMYA**

Ngewe, Ngarambe Sylvestre, ufite nomero 220017850 ndahamya ko uyu murimo w'ubushakashatsi ufite umutwe ugira uti: *"Uruhare rw'ibyivugo by'intore muri iki gihe mu kubaka iterambere rirambye*" ari inyandiko y'umwimerere yange bwite kandi nta handi yigeze imurikwa muri kaminuza iyo ari yo yose mu guhatanira impamyabumenyi y'ikiciro cya gatatu cya kaminuza. Ibirimo bifite aho bihurira n'ubushakashatsi bwakozwe mbere byagiye bigaragazwa n'inkuro.

Amazina y'umunyeshuri

NGARAMBE Sylvestre

Umukono: Itariki: 24 Kamena 2022




## IKEMEZO CY’UMUYOBOZI W’UBUSHAKASHATSI

Ngewe, Dr. Innocent Twagilimana, ndahamya ko ubu bushakashatsi *Uruhare rw’ibyivugo by’intore muri iki gihe mu kubaka iterambere rirambye* bwakozwe n’umunyeshuri Ngarambe Sylvestre nasanze ari umwimerere kandi ndemeza ko nabuyoboye.

Ku wa 11 Kamena 2022

Uwayoboye ubushakashatsi n’umukono we

Dr. Innocent Twagilimana 

## INSHAMAKE

Umurimo wacu w'ubushakashatsi ufite umutwe ugira uti: "*Uruhare rw'ibyivugo by'intore mu kubaka iterambere rirambye"*. Mu Rwanda rwa mbere y'umwaduko w'Abazungu, ubuvanganzo nyarwanda bwari nyamvugo kandi bwubakiye ku nkingi enye ari zo: umwami n'ingoma, ingabo, inka na rubanda. Aho abamisiyoneri n'abakoroni bamariye kugera mu Rwanda izi nkingi zose zarajegejwe bikomeye ndetse zimwe zigenda zikurwa buhorobuhoro. Uku ni ko byagendekeye ibyivugo byaratagaubutwari bw'ingabo ku rugamba byari bishamikiye ku nkingi yitwa ingabo. Nubwo inkingi y'intambara ibyivugo byari bijisheho mbere y'umwaduko w'Abazungu yaranduwe, umuco wo kwivuga warakomeje mu bihe bitandukanye by'amateka y'u Rwanda. Muri iki gihe hari ibyitwa "ibyivugo by'intore" byahimbiwe mu Itorero ry'Igihugu kuva ryasubiraho mu wa 2007. Ibi byivugo ntabwo biramenyekana muri rubanda akaba ari na yo mpamvu abantu bamwe bavuga ko nta byivugo biriho muri iki gihe. Nta n'ubushakashatsi bwimbitse bwigeze bukorwa kuri ibi byivugo. Ese ibi byivugo by'intore ni ibyivugo byuzuye bifite uturango tw'inganzo y'ibyivugo? Haba hari indangagaciro bibumbatiye u Rwanda rwakubakiraho iterambere rirambye? Uyu murimo wacu wari ugamije gusesesengura ibi byivugo no kugaragaza ko ari ibyivugo bihamye mu miterere no mu kivugwa. Twasesenguye ibi byivugo twifashishije ihange mbandankomoko twerekanye ukuntu ibi byivugo ari nk'indorerwamo Abanyarwanda bareberamo ubuzima bwabo muri iki gihe. Tugendeye ku buryo bw'isesenguramatwara dusanga ibi byivugo bibumbatiye indangagaciro nyinshi zirimo: gusigasira no kurinda umurage wa Gihanga, gukora umurimo unoze no kurinda ibyagezweho, ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubukungu no kubungabunga ibidukikije, kuranga u

Rwanda no kwagura amarembo, ubumenyi n'ikoranabuhanga. Izi ndangagaciro dusanga mu byivugo by'intore muri iki gihe zigaragaza amatwara y'ingenzi u Rwanda rugenderaho muri iki gihe mu kubaka iterambere rirambye. Twifashishije uburyo bw' isesengurantego n'isesengurangingo twasanze ari ibyivugo bihamye bifite uturango tw'ibyivugo tuzi mu buvanganzo nyarwanda mu misusire no mu kivugwa. Imiterere yabyo yibutsa cyane iy'ibyivugo by'iningwa byari byamamaye mu mpera z'ikinyejana cya XIX ku ngoma ya Yuhi V Musinga n'intangiriro z'ingoma ya Mutara III Rudahigwa birangwa n'urucukirane rwa "Ndi". Bifite kandi utundi turango tw'ibyivugo byo hambere nko gukoresha ngenga ya mbere y'ubumwe, kugira interuro na se w'ikivugo, ikeshamvugo ririmo isubirajwi n'isubirajambo ndetse n'imizimizo nk'ihwanisha n'utundi turango tugaragaza ko bifite aho bihuriye n'ibyivugo byo hambere.

Ibi byivugo by'intore muri iki gihe bimaze kunozwa aho ari ngombwa, byakwigishwa mu mashuri abanza n'ayisumbuye ndetse no mu muryango. Ibi byatuma abana barushaho kwiyubakamo no gukurana indangagaciro zikwiye zijyana n'iterambere rirambye. Byanafasha kandi iyi nganzo y'ibyivugo kongera kogera no gucengeza mu Banyarwanda umuco mwiza wo guhiga no kuvuga ibigwi imbere y'abandi.

Mu nyigo yacu ntabwo twavuye imuzi n'imuzingo ibishobora kuvugwa kuri ibi byivugo by'intore. Inyigo imwe ntabwo ihagije kuri ibi byivugo. Hakwiye gukorwa ubundi bushakashatsi kugira ngo iyi nganzo y'ibyivugo yongere gusugira mu Banyarwanda.

**IBIKUBIYEMO**


UBUHAMYA ........ ii

IKEMEZO CY’UMUYOBOZI W’UBUSHAKASHATSI ........ iii

INSHAMAKE ........ iv

IBIKUBIYEMO ........ vi

IMBONERAHAMWE ........ x

IMPINE N’IBIMENYETSO ........ xi

UTAB : University of Technology and Arts of Byumba ........ xi

GUSHIMIRA ........ xii

GUTURA ........ xiii

UMUTWE WA MBERE: UMWINJIZO RUSANGE ........ 1

1.1. Uruhando rw’inyigo ........ 1

1.2. Imiterere y’ikibazo ........ 4

1.3. Ihitamo ry’insanganyamatsiko n’akamaro k’ubushakashatsi ........ 5

1.4 Intego z’ubushakashatsi ........ 8

1.4.1 Intego rusange ........ 8

1.4.2 Intego zihariye ........ 8

1.5. Ibibazo by’ubushakashatsi ........ 8

1.6. Ibisubizo by’agateganyo ........ 8

1.7. Uburyo mbonezanyigo ........ 9

1.8. Imbibi z’ubushakashatsi ........ 9

1.9. Imbata y'umurimo w'ubushakashatsi ........ 10

UMUTWE WA KABIRI: IBYANDITSWE MBERE BIFITANYE ISANO ...... 11

N'INSANGANYAMATSIKO ........................................................................ 11
2.0. Iriburiro ........................................................................ 11
2.1. Inshoza y'ikivugo ........................................................................ 11
2.2. Ikivugo n'igisingizo ........................................................................ 12
2.3. Ibyivugo n'amayingabyivugo ........................................................................ 14
2.4. Ibyiciro by'ibyivugo ........................................................................ 16
2.4.1 Ibyivugo by'intambara ........................................................................ 16
2.4.1.1. Iningwa ........................................................................ 16
2.4.1.2 Ibyivugo by'imyato ........................................................................ 17
2.4.1.3. Ibyivugo by'ibihuruturano ........................................................................ 18
2.4.1.4. Imisibo ........................................................................ 18
2.5.2. Ibyivugo bitari iby'intambara ........................................................................ 20
2.5.2.1. Ibyivugo by'amahomvu ........................................................................ 20
2.5.2.2. Ibyivugo byo mu iyobokamana gakondo ........................................................................ 21
2.5.2.3. Ibyivugo by'intore muri iki gihe ........................................................................ 22
2.6. Iterambere rirambye ........................................................................ 30
2.7. Ibyanditswe mbere bifitanye isano n'insanganyamatsiko ........................................................................ 32
2.7.1. Ibyivugo ahandi ........................................................................ 32
2.7.2. Ubushakashatsi ku byivugo mu Rwanda ........................................................................ 34
2.8. Umusozo ........................................................................ 37
UMUTWE WA GATATU: UBURYO MBONEZANYIGO ........................................................................ 38
3.0. Iriburiro ........................................................................ 38
3.1. Igenamiterere y'ubushakashatsi ........................................................................ 38

3.3. Ikusanyamakuru ........................................................................................ 38
3.4. Imurikamakuru n'isesenguramakuru......................................................... 39
3.5 Ikerekezo nyoborabushakashatsi ................................................................ 40
3.5.1. Ikerekezo k'inyigo ................................................................................ 40
3.5.2. Uburyo n'inzira...................................................................................... 42
3.5.2.1. Isesengurantego/isesenguramisusire ............................................ 42
3.5.2.2. Isesengurangingo .......................................................................... 44
3.5.2.3. Isesenguramatwara........................................................................ 45
3.6 Indundo......................................................................................................... 47
3.7 Umusozo....................................................................................................... 48
UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RY'IBYIVUGO BY'INTORE MURI IKI GIHE ................................................................................................................ 49
4.1. Isesenguramisusire ...................................................................................... 49
4.1.1. Inkingi ibyivugo by'intore byubakiyeho ............................................ 49
4.1.2. Interuro na "se" w'interuro mu byivugo by'intore ............................. 52
4.1.3. Uburebure bw'ibyivugo by'intore ...................................................... 54
4.1.4. Ikoreshwa rya ngenga ya mbere y'ubumwe ....................................... 54
4.1.5. Amagambo akoreshwa mu byivugo by'intore.................................... 55
4.1.6. Imiremeke y'amazina mu byivugo by'intore ..................................... 56
4.1.7. Ikeshamvugo mu byivugo by'intore................................................... 57
4.1.7.1. Injyana.......................................................................................... 57
4.1.7.2. Isubirajambo ................................................................................ 58
4.1.7.3. Ihwanisha ..................................................................................... 59
4.2. Isesengura ry'uruhare rw'ibyivugo by'intore mu iterambere rirambye..... 59

4.2.1. Gusigasira umurage wa Gihanga ........................................................ 60
4. 2. 2.  Ubumwe bw'Abanyarwanda ........................................................... 62
4.2.3. Umurimo unoze ...................................................................................... 64
4.2.3.1. Umurimo unoze mu miyoborere myiza ....................................... 64
4.2.3.2. Umurimo unoze mu kubungabunga ubuzima ............................... 66
4.2.3.3. Umurimo unoze mu butabera....................................................... 67
4.2.4. Uburinganire n'ubwuzuzanye............................................................. 67
4.2.5 Ubukungu no kubungabunga ibidukikije ............................................ 70
4.2.6. Ubumenyi n'ikoranabuhanga ............................................................. 74
4.2.7. Kuranga u Rwanda no kwagura amarembo........................................ 75
4.3. Gusigasira ibyivugo by'intore mu kubaka iterambere rirambye ............... 77
4.3.1. Ibyivugo by'intore mu mashuri abanza .............................................. 77
4.3.2. Ibyivugo by'intore mu mashuri yisumbuye........................................ 81
4.3.3. Ibyivugo by'intore mu muryango ....................................................... 82
4.4. Umusozo.................................................................................................... 85
UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO .......... 86
5.1. Umwanzuro rusange.................................................................................. 86
5.2. Ibyifuzo ku nzego zifata ibyemezo ........................................................... 88
5.3. Ibyivugo n'ubushakashatsi buri imbere .................................................... 90
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE................................................ 91
UMUGEREKA: Urutonde rw'ibyivugo by'intore twashyikiriye......................... 96

**IMBONERAHAMWE**

Imbonerahamwe ya 1: Amazina y’ubutore y’Uturere n’Umujyi wa Kigali ..........25

Imbonerahamwe ya 2: Urugero rw’ibyivugo by’intore muri iki gihe ...................29

## IMPINE N'IBIMENYETSO

LACITO : Laboratoire des Langues et Civilisations à Traditions Orales

IRST : Institut de Recherche Scientifique et Technologique

MDGs : Millenium Development Goals

MINEDUC : Ministère de l'Education

MINEPRISEC : Ministère de l'Enseignement Primaire et Secondaire

MINESUPRES : Ministère de l'Enseignement Supérieur et de la Recherche Scientifique

MINUBUMWE: Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu

NST1: National Strategy for Transformation

ONU : Organisation des Nations Unies

RALC: Rwanda Academy of Language and Culture

REB: Rwanda Basic Education Board

SDGs: Sustainable Development Goals

UNR : Université Nationale du Rwanda

UTAB : University of Technology and Arts of Byumba

## GUSHIMIRA

Mbere na mbere ndashima Imana yo yampaye ubuzima ikampa ubwenge, ikanshoboza mu rugendo rwose rw'amashuri yange. Ndashimira byimazeyo umuryango wange wihanganye igihe cyose nari mu ishuri ntashobora kuwitaho uko bikwiye. Uruhare rwa buri wese ndaruzirikana mpereye kuri Murekatete Marie Victoire nakunze nkunda kandi twabyaranye abana beza. Mbuto zitarumba byashyitse ku mutima ushima kandi imbuto zose zikomoka kuri uyu musaruro ni izanyu mwese.

Ndashimira cyane Dr Twagilimana Innocent na Bwana Byavuge Jules bemeye kuyobora uyu murimo w'ubushakashatsi. Inama zabo zuzuye ubushishozi n'ubuhanga zamfashije gukorana uyu murimo umuhate n'ikizere kuva ku ntangiriro kugera ku ndunduro.

Ndashimira byimazeyo Mwarimu Nkejabahizi Jean Chrisostome ku nama za gihanga yangiriye zikamfasha kunoza no kuboneza uyu murimo. Ndashimira kandi Dr. Nsengiyumva Emmanuel wampumuye amaso ansangiza ubunararibonye bwe mu murimo w'ubushakashatsi. Ndashimira mbikuye ku mutima Sekamana Abdul Khaliq, ubuvandimwe yangaragarije muri uru rugendo rw'amasomo twakoranye. Sinarangiza ntashimiye abarimu bose banyigishije ndetse n'abanyeshuri bose twiganye muri iki kiciro cy'amashuri turangije.

Mwese Imana ibahe umugisha.

**GUTURA**

Uwagiye agikenewe
Myasiro y'indekwe
Uwabegeye ibibondo
Shami nashibutse
Abo twonse rimwe
Mwakire igeno
Mwishimire ikivi.

# UMUTWE WA MBERE: UMWINJIZO RUSANGE

## 1.1. Uruhando rw'inyigo

Iyo usuzumye amateka y'ubuvanganzo bwo mu Rwanda rwo hambere mbere y'umwaduko w'Abazungu, usanga ubuvanganzo nyarwanda bwari nyamvugo kandi bwubakiye ku nkingi enye z'ingenzi: umwami n'ingoma, ingabo, inka na rubanda. Ibyivugo byari bishamikiye ku nkingi yitwa ingabo kandi iyi nganzo yari yarasakaye cyane no muri rubanda rusanzwe.

Umuco nyarwanda ntiwemeraga ko umugore yivuga kuko atajyaga ku rugamba. Uretse n'ibyo ntiyari yemerewe no gukora ku ntwaro iyo ari yo yose. Buri mugabo we yagiraga ikivugo ke kimurata ubutwari yagize ku rugamba cyangwa yifuza kugira. Abana n'abasaza bagira ibyivugo byabo byitwa amahomvu ndetse hakaba n'ibyivugo byo mu iyobokamana gakondo byitwa ibyivugo by'imandwa. Ibi byivugo na byo ariko iyo ubisuzumye neza usanga bigusha ku butwari buganisha ku by'imandwa.

Muri ibi byivugo byose, abashakashatsi bagiye bavuga cyane ku byivugo birata ubutwari bw'ingabo ku rugamba. Muri abo bashakashatsi hari abakoze inyigo zitsitse nka Coupez na Kamanzi (1962), Kagame (1969), Kampayana (1984) na Kayumba (2009). Koko rero ibyo byivugo ni ikigega gikomeye cy'ururimi rwacu Ikinyarwanda kandi bibumbatiye indangagaciro nyinshi. Twavuga nk'indangagaciro yo gukunda Igihugu, kukirwanirira, kwitanga utizigama, gukunda ukuri, gutabarana, ubupfura, kwihangana, ubumuntu, ubumwe n'ubuvandimwe n'izindi.

Aho abamisiyoneri n'abakoroni bamariye kugera mu Rwanda, inkingi twavuze zari zijisheho ubuvanganzo zarajegejwe bikomeye ndetse zimwe zigenda zikurwa

buhorobuhoro. Uku ni ko byagendekeye ibyivugo byaratanga ubutwari bw'ingabo ku rugamba. Nyuma y'uko hashyirwaho imipaka ihamye u Rwanda rutashoboraga kurenga, ntibyashobokaga ko rwongera kugaba ibitero byo kurwagurira hirya y'izo mbibi. Bityo n'inganzo yo guhimba ibyivugo bijyanye n'ubutwari bwo ku rugamba igenda ikendera ityo.

Muri iryo kendera ariko, Abanyarwanda mu manza zitandukanye zo mu buzima bwabo bwa buri munsi (nko mu bitaramo by'umuryango, mu bukwe, mu birori binyuranye n'ibindi), ntibataye umuco wo kwivuga. Bakomeje kugenda basubira mu byivugo byahimbwe hambere, byaba ibyabo cyangwa ibyo babaga baratoye bumvanye abandi, ndetse bamwe bakagenda bahinduramo bike bongeramo ibikorwa by'ubutwari butari ubwo ku rugamba. Ibi ni byo Kayumba (2009:12) avuga agira ati:

Ibyivugo byamamaye mu Banyarwanda b'ingeri zose kugeza na n'ubu, mu bitaramo no mu birori bimwe na bimwe habamo abivuga, bamwe bigana ibyo bumvanye ababyigiye mu matorero, abandi bigana ababifashe mu mutwe, na bo bigana abo babyumvanye, abenshi bibuka uduceduce akaba ari two bavuga.

Mu mpera z'ikinyejana cya XIX no mu ntangiriro z'icya XX, bamwe mu bahimbyi b'ibyivugo batangiye guhimba ibyivugo bigizwe n'urukurikirane rw'ibisingizo by'ubutwari bitajyanye n'ukuri kuko nta ntambara zari zikiriho. Abandi na bo bwa butwari Abanyarwanda bajyaga birata babwerekeza ku bindi bintu birimo amatungo nk'ihene, inyamaswa, ibihingwa nk'ibijumba, imyumbati, ibintu by'inzaduka nk'imodoka, imbunda n'ibindi. Ibyinshi muri ibyo bihangano ni byo Kagame yatangaje mu dutabo tubiri yise *Icara nkumare irungu* mu wa 1947 na *Iyo wiriwe nta rungu* mu wa 1949. Ibi bihangano si ibyivugo nyirizina

nk'uko bamwe babivuga, ahubwo ni amayingabyivugo nk'uko tuza kubyerekana muri iyi nyigo yacu. Na magingo aya ndetse hari n'abakubwira ko nta byivugo bikibaho, ko ibihari ari amayingabyivugo, kuko kuri bo inshoza y'ibyivugo ikwiye guharirwa ibyivugo birata ingabo ku rugamba.

Nyamara muri iki gihe hari ibyitwa "ibyivugo by'intore" byahimbiwe mu Itorero ry'Igihugu kuva ryasubiraho mu wa 2007. Ibi byivugo ntibirakorwaho ubushakashatsi bwimbitse, usibye inyigo imwe rukumbi ya Ngarambe (2021) ivuga ku ruhare rw'ibyivugo by'intore mu gukungahaza Ikinyarwanda.

Muri iyi nyigo turashaka kugaragaza ko ibyivugo by'intore muri iki gihe ari ibyivugo bihamye bifite uturango tw'ibyivugo dusanzwe tuzi mu buvanganzo nyarwanda. Tugamije no kwerekana ko bibumbatiye ingingo cyangwa indangagaciro Abanyarwanda bashyize imbere muri iki gihe kandi bakubakiraho iterambere rirambye. Izo ndangagaciro zirimo gusigasira umurage wa Gihanga, umurimo unoze, ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubukungu no kubungabuga ibidukikije, ubumenyi, uburezi n'ikoranabuhanga, kwagura amarembo. Tugamije kandi kwerekana uburyo iyo nganzo yakongerwamo ikibatsi, ikanozwa, igatezwa imbere kugira ngo irusheho kwamamara no gucengeza muri beneyo indangagaciro ntayegayezwa z'umuco wabo. Binyuze mu burere umwana abonera mu muryango n'ubwo ahabwa mu ishuri inganzo y'ibyivugo yakongera kogera muri rubanda. Buri Munyarwanda mu Mudugudu atuyemo, mu isibo abarizwamo yaba imbarutso yo gusigasira no gusakaza inganzo y'ibyivugo.

Muri iki gihe twumva ko abana b'Abanyarwanda badakwiye gukomeza kwigishwa ibyivugo bivuga ubutwari buganisha ku bwicanyi nk'uko bigaragara

mu byivugo byo hambere aho ingabo ziratagaga ubutwari bujyanye no kwivuna umwanzi. Dushingiye ku miterere y'ibyivugo by'intore muri iki gihe byashoboka ko abana bahimbirwa ibyivugo byababafasha kwiyubakamo indangagaciro zijye n'ubuzima bwabo bwa buri munsi. Bitewe kandi n'ikigero cy'ubujijuke aban na bo bashobora kwihimbira ibyabo byivugo.

### 1.2. Imiterere y'ikibazo

Ibyivugo by'intore muri iki gihe ni inganzo yavukiye mu Itorero ry'Igihugu mu wa 2007, aho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda irigaruriye, nyuma y'igihe kirekire ryaraciwe. Itorero ryongeye kugaruka mu kerekezo cyo "kwishakamo ibisubizo nk'Abanyarwanda, kugira ngo ridufashe kugera ku iterambere rirambye ry'Igihugu cyacu kandi ryihuse" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2018:5). Ibi biri mu murongo wa poritiki y'Igihugu igamije kubaka u Rwanda rushya nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994; aho indangagaciro zimwe na zimwe zarangaga Abanyarwanda nk'ubumwe, ubuvandimwe n'izindi zasaga n'izatakaye. U Rwanda rwasanze nta terambere ryashoboka Abanyarwanda bakomeje kwimika inzigo n'inzika, amacakubiri, irondabwoko n'irondakarere n'ibindi aho kwimakaza indangagaciro zishingiye ku bunyarwanda, ku buvandimwe n'ubufatanye, ubupfura, gukunda Igihugu, ubunyangamugayo n'izindi ndangagaciro nzima zarangaga Umunyarwanda. Ni muri urwo rwego Leta y'u Rwanda yongeye gutekereza ku itorero ari ho hahimbirwa ibyivugo by'intore muri iki gihe.

Kugeza ubu ibi byivugo by'intore muri ntibizwi neza ndetse nta n'ubushakashatsi bwakozwe busesengura ku buryo bwimbitse indangagaciro zikubiye muri ibi byivugo. Inyigo yacu igamije kugaragaza uruhare ibyivugo by'intore muri iki gihe bifite mu kubaka iterambre rirambye.

Nkuko ibibazo by'ubushakashatsi bibyerekana turashaka kwerekana ko ibi byivugo by'intore bifite uturango tugaragaza ko mu misusire n'ikivugwa ari ibyivugo byuzuye bikwiye iryo zina koko. Turerekana kandi ko bibumbatiye indangagaciro u Rwanda rwakubakiraho iterambere rirambye. Uretse kandi kugaragaza ko ari ibyivugo bihamye kandi bikubiyemo indangagaciro u Rwanda rushyize imbere mu kubaka iterambere nta n'inyigo igaragaza uburyo ibi ibyivugo byasigasirwa binyuze mu mashuri kugira ngo abana bakurane izo ndangagaciro. Ikindi ni uko nta buryo buhari bugaragaza uko gusakaza ibi byivugo byasakaza mu muryango kugira ngo iyi inganzo y'ibyivugo yongere kogera, n'umuco wo guhiganwa no kwesa imihigo wongere kwamakazwa mu Banyarwanda.

### 1.3. Ihitamo ry'insanganyamatsiko n'akamaro k'ubushakashatsi

Mu guhitamo iyi nsanganyamatsiko ivuga ku ruhare rw'ibyivugo mu kubaka iterambere rirambye ntibyaje ku bw'impanuka. Tumaze gushyikira umukaba w'ibyivugo by'intore muri iki gihe no kubisoma twitonze, twasanze ari byiza kubikoraho inyigo irambuye kubera impamvu tugiye kugaragaza.

Impamvu ya mbere twashingiyeho ni uko ibyo byivugo byose tumaze kubisoma twasanze bikubiyemo indangagaciro nyinshi Abanyarwanda bashyize imbere muri iki gihe. Izo ndangagaciro ni: gukora umurimo unoze, gusigasira umurage wa Gihanga, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubumwe bw'Abanyarwanda, ubukungu no kubungabuga ibidukikije, ubumenyi, uburezi n'ikoranabuhanga, kwagura amarembo n'izindi. Izi ndangagaciro ni zo zigaragaza amatwara Igihugu gifite mu kubaka iterambere rirambye.

Ibi bituma nanone twongera gutekereza no guhamya isano iri hagati y'umuco, ubuvanganzo n'urubumbambaga. Koko rero, nk'uko Nkejabahizi (2019:39)

abisobanura: “Ntushobora gusesengura ibirebana n’umuco uwo ari wo wose ngo ubitandukanye n’ubuvanganzo buwushamikiyeho. Umuco ubona mu buvanganzo inzira wisanzuriramo, umenyekana”.

Umuco nyarwanda uriho, urakungahaye kandi urakomeye. Ntakirutimana, Mukama na Niyibizi (2019) babihamya bavuga ko kwigirira ikizere Abanyarwanda bafite muri iki gihe, banga ko hagira uwaza ngo abamire bunguri cyangwa se ngo abangamire ubusugire bw’Igihugu, ari bimwe mu bishimangira ko umuco nyarwanda uhari. Bakomeza bavuga ko igikenewe ari uko Abanyarwanda bawukomeraho kandi bakawusigasira atari mu magambo gusa ahubwo no mu bikorwa.

Impamvu ya kabiri ni uko ubu bushakashatsi ari uburyo bwiza bwo kwerekana ko inganzo y’ibyivugo itazimye mu Banyarwanda. Gukora uyu murimo mu Kinyarwanda ni ugukungahaza Ikinyarwanda n’Abanyarwanda. Ibi ni byo Nkejabahizi (2019) yemeza avuga ko ururimi rwakozwemo ubushakashatsi rwaguka kuko rwunguka amagambo n’inshoza bishya rutari rusanganywe; umuco w’abaruvuga ukaboneraho kwivugurura no gukura. Akomeza avuga ko ibyo umuntu atari azi bimwizanira ku mbehe kuko biri mu rurimi rwe yumva bikamwungura ibitekerezo n’imikorere.

Impamvu ya gatatu ni ijyana no kwitabira impuruza yumvikanira mu murongo wa poritiki y’u Rwanda yo gusigasira umuco nyarwanda n’indangagaciro zawo binyuze mu rurimi rwacu Ikinyarwanda. Muri gahunda y’Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST1, 2018-2024), mu mirongo migari yo mu ngingo ya 77 havugwamo gushyigikira umuco nyarwanda n’indangagaciro zawo nk’ishingiro ry’amahoro n’ubumwe. Ingingo ya 79 yo ivuga neza ko bizakorwa binyuze mu

kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'ubupfura, ubudahemuka […] mu Banyarwanda no mu muryango, mu nteganyanyigisho z'amashuri no mu rubyiruko.

Iyi nyigo ije kandi mu murongo wa poritiki y'Igihugu cyacu ishyigikira kubakira iterambere ku muco wo guhiga no kwesa imihigo ndetse no kubakira iterambere rirambye ku muco wacu. Abahanga mu by'iterambere bavuga ko iterambere n'umuco byombi bihurira ku buzima bw'abantu. Umuco umurikira abenegihugu mu mpinduramatwara ziganisha ku iterambere.

Indi mpamvu twishingikirijeho kandi tubona ifite agaciro kayo, ni ituruka ku nyigo ngufi twakoze mbere mu mwaka wa 2021. Muri iyo nyandiko yitwa *Uruhare rw'ibyivugo by'intore muri iki gihe mu gukungahaza Ikinyarwanda*, twasanze ibi byivugo bikwiye gusesengurwa byimbitse, umuntu akerekana uruhare bifite mu kubaka no kwihutisha iterambere. Ubu bushakashatsi ni imwe mu nzira zo kwerekana uburyo ibyivugo by'intore byahabwa agaciro, bikaba koko imvugo ngiro mu buzima bwa buri munsi bw'Umunyarwanda.

Impamvu ya nyuma kandi tubona ifite agaciro kayo, ni uko mu isomo ry'ubuvanganzo nyarwanda aho twerekanaga ko impinduka mu mateka y'urubumbambaga zitera impinduka mu buvanganzo, twafashe umwanya tuganira n'abanyeshuri twigisha muri Kaminuza y'Ubugeni n'Ikoranabuhanga ya Byumba (UTAB). Aba banyeshuri bagizwe n'abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye. Habayeho impaka ndende ku kubaho kw'ibyivugo muri iki gihe maze bintera umwete wo gukora ubushakashatsi kuri ibi byivugo ngo nsesengure byimbitse ibikubiyemo.

### 1.4 Intego z'ubushakashatsi

#### 1.4.1 Intego rusange

Uyu murimo wacu w'ubushakashatsi ufite intego nyamukuru yo gusesengura uruhare rw'ibyivugo by'intore mu kubaka iterambere rirambye.

#### 1.4.2 Intego zihariye

Kugira ngo iyi ntego igerweho, yubakiye kuri izi ntego zihariye:

a. kugaragaza ko ibyivugo by'intore muri iki gihe bifite uturango tw'ingeri y'ibyivugo y'ubuvanganzo nyarwanda.

b. kwerekana ko ibi byivugo bijishemo indangagaciro Igihugu cyakubakiraho iterambere rirambye.

c. kwerekana uburyo ibi byivugo ndetse n'inganzo y'ibyivugo byasigasirwa mu mashuri abanza n'ayisumbuye ndetse no mu muryango.

### 1.5. Ibibazo by'ubushakashatsi

Muri iyi nyigo yacu, ibibazo by'ubushakashatsi bikurikira ni byo byatuyoboye.

a. Ibi byivugo by'intore bifite uturango twerekana ko mu misusire n'ikivugwa ari ibyivugo byuzuye bikwiye iryo zina koko?

b. Ni izihe ndangagaciro zikubiye muri ibi byivugo Igihugu cyakubakiraho iterambere rirambye?

c. Ni gute ibi byivugo byasigasirwa bigatozwa abana mu mashuri ndetse no mu muryango kugira ngo abana bakurane indangagaciro zikubiyemo kandi n'inganzo yo guhiga no kwesa imihigo yongere kwimakazwa?

### 1.6. Ibisubizo by'agateganyo

a. Ibiyivugo by'intore muri iki gihe bishobora kuba bifite uturango twerekana ko ari ibyivugo byuzuye mu miterere n'ikivugwa.

b. Ibyivugo by'intore muri iki gihe bishobora kuba bibumbatiye indangagaciro u Rwanda rwakubakiraho iterambere rirambye.

c. Ibi byivugo by'intore muri iki gihe bishobora gusugasirwa binyuze mu mashuri ndeste no mu muryango bityo n'inganzo yo guhiga no kwesa imihigo ikongera ikimakazwa.

## 1.7. Uburyo mbonezanyigo

Buri murimo wose w'ubushakashatsi ugira uburyo ukorwamo. Uyu murimo wacu, mu miterere yawo, twakoresheje ubushakashatsi nyamimerere kuko, ushingiye ku gusesengura ukuri kugendanye n'imibereho y'Abanyarwanda muri iki gihe, mu bitekerezo n'imyumvire byabo. Ibyivugo by'intore mu miterere bifite uturango tw'ibyivugo kandi bikubiyemo indangagaciro z'umuco wacu bikwiye kugaragazwa n'ubushakashatsi. Mu kwerekana rero isano iri hagati y'ururimi, umuco n'urubumbambaga nyarwanda ibi byivugo bivukamo, twifashishije ikerekezo nsesengurandimi mbandankomoko. Mu kuboneza inyigo yacu kandi twisunze uburyo bw'isesenguramisusire, isesengurangingo n'isesenguramatwara.

## 1.8. Imbibi z'ubushakashatsi

Mu rwego rw'inyigo n'igihe, ubu bushakashatsi bwasesenguye ibyivugo by'imitwe y'intore byashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020) makumyabiri na bitatu (23). Dushingiye ku misusire ndetse n'ikivugwa, twibanze ku kwerekana ko ibyivugo by'intore ari ibyivugo bihamye bifite uturango tw'ibyivugo tuzi mu buvanganzo nyarwanda no ku kugaragaza uruhare ibyo byivugo bifite mu kubaka iterambere rirambye ry'Igihugu. Ibi twabikoze tugendeye ku ngingo indwi twahisemo tubona zigaragaza cyane ari zo: gusigasira umurage, gukora umurimo unoze, ubukungu no kubungabunga ibidukikije, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubumwe bw'Abanyarwanda, kwagura amarembo

no kuranga u Rwanda, ubumenyi n'ikoranabuhanga. Igihe, uburyo ndetse n'imiterere y'ubushakashatsi ntibyatwemereye ko tuva imuzi n'imuzingo ibikwiye kwigwa byose ku byivugo by'intore muri iki gihe.

### 1.9. Imbata y'umurimo w'ubushakashatsi

Uyu murimo wacu w'ubushakashatsi wubakiye ku bice cyangwa imitwe itanu y'ingenzi. Umutwe wa mbere wiswe intangiriro rusange ugaragaza ingingo z'ingenzi zitabwaho mu nzira z'ubushakashatsi uruhando rw'inyigo, imiterere y'ikibazo, isobanurampamvu n'akamaro by'ubushakashatsi, intego z'ubushakashatsi, imbibi z'ubushakshatsi n'imbata y'umurimo).

Umutwe wa kabiri ukubiyemo ingingo zirebana n'ibyanditswe mbere bifatanye isano n'umurimo. Ni na ho dusobanura inshoza y'ibyivugo n'izindi ngingo zigitera urujijo zirebana n'ibyivugo zitashoboye gusobanurwa mu nyigo zabanje. Gusoma ibyanditswe mbere no kubisesengura bituma tutizimba cyangwa ngo dusubire gusa mu byavuzwe n'abandi ku byivugo. Bidufasha kubona ahashobora kuba hakiri icyuho, kugira ngo tugire aho duhera tugaragaza igishya tuzanye kiyongera ku byakozwe n'abatubanjirije. Umutwe wa gatatu urebana n'uburyo twakoresheje mu kuboneza inyigo yacu.

Umutwe wa kane, ari wo pfundo ry'umurimo, usesengura ku buryo bwimbitse imiterere y'ibyivugo n'ikivugwa, tuganisha ku kwerekana uruhare ibi byivugo bifite mu kubaka iterambere rirambye. Turerekana kandi uburyo abana mu mashuri abanza n'ayisumbuye batozwa inganzo y'ibyivugo by'intore igasakara kandi bagakurana indangagaciro zikubiyemo.

Umutwe wa gatanu ugizwe n'umwanzuro rusange n'ibyifuzo aho dukora inkubirahamwe y'ibyo twagezeho mu bushakashatsi ndetse n'ibyifuzo ku bikwiye gukorwa kugira ngo inganzo y'ibyivugo yongere kogera mu Banyarwanda.

## UMUTWE WA KABIRI: IBYANDITSWE MBERE BIFITANYE ISANO N'INSANGANYAMATSIKO

### 2.0. Iriburiro

Uyu mutwe turawugabamo impusa ebyiri: uruhusa rwa mbere ni ugusobanura inshoza zitera urujijo bigatuma abantu bazitiranya n'ibyivugo. Uruhusa rwa kabiri ni ukugaragaza ibyanditswe mbere bifitanye isano n'insanganyamatsiko turimo kwigaho. Gusesengura ibyanditswe mbere mu bushakashatsi bifite akamaro kuko nk'uko Nkusi na Mukama (2019:12) babisobanura, bavuga ko harimo gutuma abantu bashobora guhererekanya ubumenyi no kubwubakiraho urufatiro bw'ubundi bumenyi bushya, gufasha umushakashatsi kwerekana igishya azanye mu bisanzwe bizwi cyangwa se kubitangaho ibisobanuro by'inyongera no gukora inyigo ku bitarigeze byigwaho na gato.

### 2.1. Inshoza y'ikivugo

Ijambo ikivugo riva ku nshinga kuvuga. Iyo hajemo inyibutsacyuzuzo ngaruka -îiy-, inshinga ku-îiy-vug-a (kwîivuga) bisobanuye ko igikorwa gikubiye mu muzi w'inshinga -vug- kigaruka kuri nyakuvuga. Uvuga rero nta bikorwa by'ubutwari by'undi avuga uretse ibye bwite. Ni yo mpamvu uwivuga wese akoresha ngenga ya mbere y'ubumwe. Coupez na Kamanzi (1962) babisobanura bavuga ko uwivuga yirata ibikorwa bye by'ubutwari yakoze, ibyo yifuza gukora; yirata ubutwari bushingiye ku mbaraga aho yigereranya n'inyamaswa z'inkazi. Kayumba (2009:141) we asobanura ikivugo avuga ko ari ijambo rivuga kwirata ubugabo, kwisingiza ubutwari bwo kuba waratabariye Igihugu cyangwa wararwanye kuri mugenzi wawe amerewe nabi ugashobora kumukura mu

makuba, kandi ukabikorana ubwitange, udatinya, ahubwo abandi ukababera indongozi.

Mu Rwanda rwo hambere kwivuga byari ukuranga icyo uri cyo, uwo uri we mu rwego rw'intambara, rimwe na rimwe umenyesha abakumva uwo ukomokaho byo guhimba, ukavuga ibyakuranze ku rugamba. Nyiri ikivugo yimenyekanishaga yitaka ubutwari ndetse akenshi akanashyiramo amakabyankuru.

Muri iki gihe Umunyarwanda uwivuga ntiyivuga ibigwi ashingiye ku butwari bwo kwivugana ababisha benshi mu ntambara yo kwagura Igihugu kuko iyo yararangiranye n'ishyirwaho ry'imipaka ntarengwa hagati y'ibihugu. Gusa ubutwari mu kukirengera no kukirinda kuvogerwa bwo buhoraho. Mu mibereho yo muri iki gihe intambara turwana itandukanye n'iyo hambere. Ubu ibyivugo biriho bivugwamo ibikorwa by'ubutwari mu rugamba rw'iterambere ry'Umunyarwanda.

### 2.2. Ikivugo n'igisingizo

Ikivugo n'igisingizo bifitanye isano ya hafi ariko kandi biratandukanye ariko ntabwo ari bimwe. Mbonimana (2011) abivuga ko ubundi igisingizo kigizwe n'ijambo rimwe cyangwa amagambo abiri, atatu atangira ikivugo. Kayumba (2009) we avuga ko umugabo yagiraga izina rye risanzwe akanagira n'igisingizo. Akomeza avuga ko akenshi iryo zina rindi ryari izina risingiza ritangira ikivugo ke cyangwa ribanza muri kimwe mu byivugo by'uwagiraga ibirenze kimwe kenshi icyo kivugo akaba ari cyo abanza. Turatanga ingero nke zibyerekana.

Nka Kabare ka Rwakagara bamwitaga Impangazamurego, izina ribanza muri kimwe mu byivugo bye gitangira gitya: "Impangazamurego ya rutihimbuguza, umuheto udaseswa n'imfuruta…". (Kayumba, 2009:9).

Kampayana ka Nyantaba yitwaga Rutajabukwa n'imitima kubera ko ikivugo ke gitangira kigira kiti: "Rutajabukwa n'imitima ingamba zimisha imituku rwa Nyirimbirima ndi intwari…". (Kayumba, 2009:9).

Duhereye kuri izi ngero twavuga rero ko igisingizo ari izina rigizwe n'ijambo rimwe cyangwa urujyano rw'amagambo ashobora no kuba interuro, rishobora gutangira cyangwa ntiritangire ikivugo. Rishobora kuba izina ry'irihimbano, ryumvikanisha amatwara y'umuntu, imico ye, ibyo yakoze, imihigo cyangwa intego ashyize imbere, icyo abantu bamwifuzaho, bimugaragaza bikamutandukanya n'abandi batari we. Iri zina rishobora no gusimbura izina yari asaganywe akaba ari ryo bamenyera kumwita nk'uko bigaragara mu ngero tumaze gutanga.

Mu busizi usanga akenshi abami babavuga mu mazina y'ibisingizo. Nk'umwami Mibambwe II Sekarongoro II Gisanura bamwita Rugabishabirenge, Yuhi IV Gahindiro akitwa Mutangatiro, Mutara II Rwogera bamwita Inyarubuga, Yuhi V Musinga yitwa Rugwizakurinda naho Mutara III Rudahigwa akitwa Nkubito y'Imanzi.

Mu mateka umwami Kigeli IV Rwabugili ni we ufite amazina y'ibisingizo menshi. Uyu mwami afite ibisingizo birimo ibyo yahawe n'umwe mu bagore be witwa Mucuna wa Gicunatiro, wamuhimbiye inanga imusingiza yitwa *Uramutashye.* Amwita Gaju ya Mwiza, Runyurabagabo, Rwangakugwabira, Imfizi itubaha amahanga, Inkotanyi cyane n'andi. Twibwira ko impamvu uyu mwami afite amazina y'ibisingizo menshi ari uko yabaye igihangange.

Uretse ibisingizo by'abagabo kandi habagaho n'ibisingizo by'abagore. Mu muco nyarwanda abagore n'abakobwa ntibagiraga ikivugo kuko batajyaga ku rugamba,

ahubwo bagiraga ibisingizo. Ibyinshi mu bisingizo byagiye bimenyekana ni iby'abamikazi cyangwa se abavuka ibwami. Urugero twatanga ku bavuka ibwami ni Shongoka rya Gahindiro, mushiki wa Rwogera bitaga Igishongore. Usanga ariko amenshi mu mazina y'ibisingizo avugwa cyane ari ay'abagore ba Rwabugili. Mu bagore ba Rwabugili, Kanjogera ni we yari yarakundwakaje cyane maze bituma anahimbirwa ibisingizo byinshi. Bamwitaga Tende rya Ngobe, Nyonga ya Mishenyi, Nyirakaragwe uw'akarago kera, Injonge ya Rutajomwa mu bakobwa n'andi.

### 2.3. Ibyivugo n'amayingabyivugo

Mu nyigo nyinshi zabanje, abantu bagiye bitiranya ibyivugo n'amayingabyivugo. Ndetse n'ubu hari abavuga ko nta byivugo biriho, ko ikiriho ari amayingabyivugo bashaka kuvuga ibyivugo bidashyitse. Nka Kayumba (2009) rimwe abyita ibyivugo by'amahomvu ubundi akabyita ibihangano byigana ibyivugo. Ibi bihangano bishya avuga byigana ibyivugo ni nk'ibisingiza inyamaswa n'ibindi bintu by'umwibariro nk'imodoka, indege, imbunda, ibihingwa n'ibindi. Abahanzi ba nyiri ibi bihangano babyise ibyivugo ariko mu by'ukuri si byo. Cyokora bifite aho bihurira n'ibyivugo bisanzwe haba mu miterere ndetse no mu kivugwa.

Turifashisha urugero rumwe dukura mu bihangano byegeranyijwe na Kagame (1949) n'urundi rugero tuvana mu bihangano bya Niyitegeka Gratien kugira ngo tubyerekane n'urujijo ruveho.

Urugero rwa mbere

Inkuro y'ikivugo k'imbeba cyahimbwe na Gakwavu

Rwikubira ikubije umukaka rwa gituza
Ni igituna k'ifigi ntikangwa n'inzu y'isoko

Igira amenyo y'urugaga mu rugamba rw'izo ntaza
Zikabana n'iy'ijorojoro zajajanyiriza ku musego
Zikabuza abantu gusinzira zitura ku mbariro
Ukagira ngo ni imirindi y'imbogo
Izo mbeba zihuje imikaka aho no gukubagana zirabizi
Zibasiye mwene Ruhaya zimubuza guhumeka
[…]. (Kagame, 1949:155)

Urugero rwa kabiri turarusanga mu mayingabyivugo ya vuba yahimbwe na Niyitegeka Gratien asingiza inzoga nka Primusi, Ginesi na Mitsingi. Turatanga inkuro y'ikivugo cya mitsingi nkuko nyiri ubwite akita. Dore inkuro y'ibigwi bya Ginesi

Inkuro y'ikivugo cya ginesi

Nge ndi ginesi ndi ingendo y'abanywi
Ndi ikirenga ndi icyago
Ndi icyogere ndi indashyikirwa mu mayoga
Ndi indakumirwa mu birori
Ishema ryange ndi igifume
Ndi igifufumange ndi igifute k'inzoga
Ndi inzoga idafunguye
[…] (www.youtube papa sava)

Mu gihangano cya mbere turabona ko umuhimbyi asingiza ikindi kintu kitari umuntu. Aravuga ibigwi by'imbeba mu nganzo isa n'iy'ibyivugo. Atangira nk'uko umuhimbyi w'ibyivugo cyangwa se uwivuga atangira, ariko arakoresha ngenga ya gatatu y'ubumwe mu gihe uwivuga ubusanzwe akoresha ngenga ya mbere kuko aba avuga ibigwi bye bwite.

Mu miterere y'igihangano cya Niyitegeka kivuga ibigwi bya Ginesi, hakoreshwa ngenga ya mbere igaragazwa n'akaremajambo n- mu nshinga "Ndi" agakurikizaho izina risingiza nkuko tubisanga mu byivugo birata ubutwari

bw'umuntu. Aha ngaha ariko si we wivuga ibigwi; ahubwo aravuga ibigwi by'ikindi kintu kitari we, mu gihe mu byivugo nyirizina uwivuga aba arata ubutwari bwe yagize cyangwa yifuza kugira. Iyi nshinga "Ndi" yayikoresheje mu buryo bw'ikeshamvugo bwitwa itizabumuntu (personification). Nkejabahizi (2013) avuga ko ari umuzimizo werekeye ahanini imigirire ifitanye isano cyane n'ishushanya. Ahanini bireba ibintu cyangwa ukuntu umusizi aha ibintu ishusho, imigenzereze cyangwa imyumvire nk'iy'umuntu.

Muri iki gihangano Niyitegeka yafashe inzoga Ginesi ayiha imigenzereze nk'iy'umuntu. Ni yo mpamvu dushingiye ku bisobanuro tumaze gutanga dusanga bitakwitwa ibyivugo, ahubwo byakwitwa amayingabyivugo nk'uko abahanga mu buvanganzo nyarwanda babivuga.

## 2.4. Ibyiciro by'ibyivugo

### 2.4.1 Ibyivugo by'intambara

#### 2.4.1.1. Iningwa

Ni ubwoko bw'ibyivugo bigufi bitagira ibika uretse ko nanone utamenya igipimo cyagenwe cy'ubwo bugufi. Amateka atubwira ko ibi byivugo by'iningwa ari byo byabanje mu Rwanda mbere yuko haduka ibyivugo by'imyato. Mbonimana na Nkejabahizi (2011) bavuga ko ibyivugo by'iningwa bya mbere bizwi ari ibyo ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli mu kinyejana cya XVII. Hashobora kuba harabaye ibindi mbere yaho ariko ntabyo Abanyarwanda bamenye.

Dore urugero: rw'ikivugo cy'umwami Ruganzu.

> Ndi Ruganzu rugambirirabagabo, ndi nyiri intorezo y'inganzamarumbo
> Ndi Cyitatire cya Mutabazi naritatiye ndatera
> […]
> Ndi uwa Rugango ndi umuhizi
> Narasiye mu Rugari mu Rugarama barabaza

Bati: “Uwo muhizi ko azanye indubizi?”
Ndi umuhizi byahamye. (Kimenyi, 1990:33).

Iki kivugo ni icy’umwami Ruganzu II Ndoli wayoboye u Rwanda mu kinyejana cya XVII.

#### 2.4.1.2 Ibyivugo by’imyato

Ni ibyivugo birebire bifite ibika bita imyato. Amateka atubwira ko ibi byivugo byageze mu Rwanda biturutse mu Gisaka mu kinyejana cya XIX ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro, byadukanywe n’abagabo babiri ari bo Muvubyi wa Mutemura na Rwabigugu wa Kanyaruguru. Mbonimana & Nkejabahizi (2011) bavuga ko ibi byivugo byari byiganje kuva ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro kugeza ku ya Kigeri IV Rwabugiri. Turatanga urugero rw’imyato ibiri y’ikivugo k’imyato cya Muvubyi wa Mutemura, umwe mu bahimbyi b’ibyivugo b’ibyatwa, n’umwato umwe w’ikivugo cya Nyiringango ya Nyagahinga.

Umwato wa II w’ikivugo cya Muvubyi wa Mutemura

Mugabo ukwiye umwami wa Rudakomererwa ngira amaboko y’impwane
Kumwe kwarakomeretse ukundi kurakumbanya
Kumwe kwakoreye inkoni nyiri inkota yisegura inzira
Ukundi kwashoreje inka mu mpaka mbi kurazihagarikira
Ziranywa mu bizi bya Kiruhura
[… ] (Kayumba, 2009:27).

Umwato wa IV w’ikivugo cya Muvubyi

Ndi inkura ya nkwaya
Ndi inkuba ya Nkombe
Ndi inyamaswa y’inkaka ya Nkanika
Ndi ingwe y’amarere
Ndi imbogo mpirima mu rugamba
Abamforera ntibampamye imyambi
[…] (Kayumba, 2009:28)

Ibyivugo by'imyato byabaga birebire akaba ari yo mpamvu byasabaga abahimbyi b'abahanga. Ibi byivugo kandi byivugwaga n'intwari zifite ibigwi ndetse n'ibirindiro byinshi.

#### 2.4.1.3. Ibyivugo by'ibihuruturano

Ni ubwoko bw'ibyivugo birebire bitabarirwa mu byivugo by'iningwa cyangwa mu by'imyato. Ni ibyivugo birebire nk'ibyivugo by'imyato ariko byo ntibigira ibika cyangwa se imyato ahubwo birashodekanye.

Kubera uburebure bwabwo buruta ubw'iby'iningwa no kuba bitagabanyijemo nk'ibyivugo by'imyato, Kagame (1969) yabuze uko abyita kuko ababimubwiye ubwo yegeranya uwo murage nta zina ryabyo bamuhaye. Bizimana (2002) ni we wabyise ibyivugo by'impuruture cyangwa by'ibihuruturano.

Ibi byivugo byaba byaradutse mu irembera ry'ingoma ya Kigeri IV Rwabugiri, maze bikamamara cyane ku ngoma ya Yuhi V Musinga. Ibi byivugo byari bikivuga ubutwari bwo mu ntambara ariko nta ntambara zari zikiriho. Twatanga inkuro ngufi y'ikivugo kimwe cya Sebaganji ba Bukwege:

"Uw'impuruza itarumvaho gutinya wa rutiyuhiza umuheto warakariye itabaro sinawutinza mu ngango ngambirira umutasi ngo aze kuntabaza mu museke buze gusesa nicana. Ngishyikirana n'intamabara intoke nzongerera umurego ndafora ndikwiza ntambutsa urwamo, ngejeje ku nkiko y'igitugu umukinzi mutera ubwoba… (Kayumba, 2009: 206, 207, 208)".

#### 2.4.1.4. Imisibo

Ni ubwoko bw'ibyivugo bigufi cyane bimeze nk'iningwa abantu bamwe b'intwari bivugaga mu bitaramo by'imihigo iyo babaga bamaze kwivuga ibyivugo

bisanzwe by'imyato bagiye kunywa ku nzoga y'imihigo. Turatanga urugero rw'umusibo wa Rukemampunzi rwa Rubuga

Umusibo wa mbere

> Imfizi icumitana imiganzanyo ya Rusingizandekwe
> Ndi indongozi y'abavuna induru
> Iyo indamutsa itunze nsobanura ibigwi
> Abagabo tubana bazi ko niciye mu Bigangwe iriya na Kabura. (Rugamba, 1984:76)

Kuri iyi ngingo, abantu ntibagomba kwitiranya ubu bwoko bw'ibyivugo n'ikitwa umusibo mu mazina y'inka. Mu mazina y'inka ni igice gisoza izina ry'umuzinge kigizwe n'ibisingizo bitsitse, birata inka y'indatwa yonyine.
Turatanga urugero mu izina ry'umuzinge bahaye Inka ya Rumonyi.

> Rwogesha ku y'imbibi
> Rushita ku y'imberera
> Rukaraga ku y'impitira
> Rukaranga ku mpini
> Rwogesha ku mbuga
> Rwanika ku ntagara
> Rwesezereza aho ku nkiko
> Rukubira imigereka
> Rukomera bigembe… (MINEPRISEC, 1988 :30)

Uyu musibo wo mu mazina y'inka ushobora gusa n'igice gisoza ibyivugo bimwe na bimwe nk'uko tubibona muri iki kivugo cya Karoro ka Ndekezi, ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa. Iki gice kigizwe n'urucukirane rw'ibisingizo bitangirwa na Ru-.

> Ndi inkubito ya Rusagambuga iyange ngabo ni igitego
> Rudategekwa n'impunzi
> Rutagaramana inkindi
> Rudasarikwa n'imihisi
> Rudasuzugurwa n'inkenzi
> Rudahangarwa n'inyamusozi
> […]. (Kayumba, 2009 :79)

Ibi ariko ntawe bikwiye gutangaza kuko ari mu byivugo, ari mu mazina y'inka, hombi ingingo ivugwa ni ubutwari ku rugamba. Nkuko umuntu ashobora kwitaka ubutwari atigeze agaragaza ahubwo yifuza kuba yagira no mu mazina y'inka ubutwari bwayo buri mu mvugo gusa.

### 2.5.2. Ibyivugo bitari iby'intambara

#### 2.5.2.1. Ibyivugo by'amahomvu

Kayumba (2009) avuga ko ari ubuhimbyi bwigana ibyivugo, bufite insanganyamatsiko zisingiza, ariko butarata ingabo ku rugamba ahubwo buba bugamije gusetsa. Yongeraho ko ari ibyivugo by'abasaza, iby'abana, ibyo bitirira inyamaswa cyangwa ibintu bimwe na bimwe.

Kuri iyi ngingo twavuga ko ibyivugo by'amahomvu ari ibyivugo bigufi byivugwa n'abana n'abasaza bitarata ubutwari bwo ku rugamba. Ibyo byivugo byuje rimwe na rimwe ibisetso n'ubutwari budashamaje nko kwirata inda nini ku bana n'ibindi naho ku basaza ni ibyivugo bigaragaza ko ijabo bahoranye ritagishoboka kubera intege nke. Turatanga ingero zibyerekana.

Ingero ebyiri za mbere ni ibyivugo by'amahomvu by'abana.

"Ndi nyamukamata mushogoro ushyushye wa Ntamushobora iyo iwacu bataseye sinseka".

"Ndi nyamukamata umutsima ushyushye rwa ngabo y'igishyimbo ndi umusore ku mwungu ndi inshuti y'igihaza". (Kayumba, 2009 :159)

Muri iki kivugo bigaragara ko umwana nta kindi arata uretse gushyira imbere inda nini.

Hari ariko n'utwivugo tugufi tw'abana dusangamo ingingo itsitse y'ubutwari nk'ibyo dusanga mu byivugo by'abagabo. Turatanga ingero ebyiri z'utwivugo tw'abana dukura mu nyandiko ya Ngarambe (1988 : 97)

Urugero rwa mbere

“Ndi akavuzavuza kavuza amacumu kayavundereza ndi umuhungu w’ishema”.

Urugero rwa kabiri

“Ndi Nyamugenda mu b’imbere singenda mu b’inyuma kirazira ni nge Nyambo yogeye”.

Ku bireba n’ibyivugo by’amahomvu by’abasaza naho turatanga ingero zibyerekana.

Urugero rw’ikivugo cya Kadiho

“Rwanyamukuru ndi umukambwe w’iminkanyari ndabutabuta sinkibuduka ndi nyamusindagira inyuma y’abasore”. (Coupez & Kamanzi, 1970 :12)

Urundi rugero rutwereka ko mu by’ukuri ibyivugo by’abasaza bitagamije gusetsa ni iki kivugo cya Mpamo ya Nyarwaya :

Intwari ivanze ibitotsi n’umugono ya rugundirakirago
Ndi umusaza w’ikirenga ikibariro kirashize
Nageze mu kirambi hambera ikirambararo
Mu kibanga mpagandurwa n’ikiramiro k’igishyimbo
Ndoye ku irembo hambera ishyamba
Ishyanga sinkijyayo mba ndoga Mutara. (Kayumba, 2009:159)

Ku bijyana n’ibihangano bisingiza inyamaswa n’ibindi bintu bimwe na bimwe nk’imodoka, imbunda, ibihingwa nk’ibishyimbo, imyumbati n’ibindi, Kayumba (op.cit) abyita ibyivugo by’amahomvu ariko abahanga mu buvanganzo nyarwanda babyita amayingabyivugo nk’uko twabibonye.

### 2.5.2.2. Ibyivugo byo mu iyobokamana gakondo

Ibyivugo by’imandwa ni ibyivugo byo mu iyobokamana gakondo. Ni ibyivugo bya kera imandwa zavugagamo ibigwi byazo. Ibi byivugo bireromboreje ndetse bimwe muri byo ni birebire kandi bikuyemo ubutwari bw’imandwa mu magambo

akakaye ameze nk'ay'ibivugo by'ingabo ku rugamba nk'uko tubibona muri uru rugero rw'ikivugo cya Binego.

> Ndi Binego bya Kajumba, Rubaga rwa Mukonya Rukarabankaba
> Ndi Rutukuzambuga inkuba ya Nyirajanja
> Mbagira impugu ibisiga bigahaga
> Ndi urwamba rw'impiri ndashigishwa sinyobwa
> Ndi amaganga y'intare
> Ndi icyata cyo ku manga kidatarwa n'umugenzi
> […]. (Bigirumwami, 2004: 302)

Uretse iki kivugo cya Binego hari n'ibindi byinshi nk'iby'imandwa Kagoro, Mugasa n'izindi.

### 2.5.2.3. Ibyivugo by'intore muri iki gihe

Mbere yo kuvuga ku byivugo by'intore turabanza dusobanure intore icyo ari cyo mu Rwanda rwa kera n'intore muri iki gihe. Mu Rwanda rwo hambere intore zabaga ari abana batoranyijwe bari mu kigero k'imyaka cumi n'ibiri bakabajyana mu itorero. Mu itorero batorezwagayo Ikinyarwanda bakamenya kuganira, kuvuga neza, gukoresha imvugo ikwiye n'ibindi. Babatozaga kandi imikino ngororamubiri nko gusiganwa, guhamiriza, gusimbuka urukiramende, gukirana no kwiyakana n'ibindi. Bahabwaga kandi imyitozo njyarugamba nko kurwanisha inkota, icumu, gukinga ingabo, gutebanwa barasa kure n'ibindi. Batozwaga kandi indangagaciro z'umuco nyarwanda nk'ubupfura, gukunda Igihugu, kugitabarira igihe ingoma igiye ku nama, ubuvandimwe, ubudahemuka, guhinganwa, umurimo unoze, ubunyangamugayo n'ibindi.

Mu by'ukuri Umunyarwanda wabaga asohotse muri iri shuri kaminuza ryo hambere yagombaga kuba ari "intajorwa mu kurwanisha inkota, umukaburacumu

udahusha, umukinzi w'icyaga ukinga ingabo neza akaba n'intyoza mu Kinyarwanda ururimi n'umuco by'Igihugu (Karani, 1983: 10)"[1].

Intore yabaga ivuye mu itorero yari itegerejweho kuba ingabo nziza yiteguye gutabarira Igihugu ingoma ishyizwe ku nama, kuba umuyobozi mwiza no gushyira mu bikorwa indangagaciro yatorejwe mu itorero.

Iri torero ryarerag urubyiruko ngo ruzavemo abantu b'abagabo, bakunda abandi, badahana abandi mu byago, bafite ishyaka, bakunda Igihugu bakakirwanirira bacyungura mu byiza byose, bakirengera kiramutse gitewe. Muri izi ntore ni ho havagamo ingabo n'abatware b'ingabo. Ni ho havagamo abayobozi muri rusange.

Intore ivugwa muri iki gihe si ya ntore ihamiriza cyangwa intore zo mu mitwe y'ingabo zo hambere. Mu muhango wo gutangiza itorero ku wa 16 Ugushyingo 2007 Nyakubahwa Perezida wa Repuburika yabivuze muri aya magambo:

Buri Munyarwanda wese akwiye kumva ko ari intore y'u Rwanda, intore ishingira ku bikorwa bifatika, bizima. Niba iby'Umunyarwanda cyangwa Umunyarwandakazi ashinzwe ari ukurera abana be cyangwa n'ab'abandi, akaba intore muri ubwo burezi no mu bindi. Niba ari umwubatsi n'uw'akandi kazi, akaba intore mu kubaka ibyo buri wese azabona agashima, bitari ukubaka ibitugwa hejuru […], niba ari umuhinzi cyangwa umworozi agaharanira kuba intore agira umusaruro uboneye.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020) ivuga ko intore ari umuntu watojwe, urangwa n'ubupfura n'ubutore yatojwe. Ni umuntu ufite imyitwarire n'imikorere byimakaza indangagaciro zirimo gukunda Igihugu, ubwangamugayo, gukunda

[1] Le lauréat de l'itorero devait pouvoir manier avec la même dextérité aussi bien l'épée, la lance et le bouclier que le Kinyarwanda langue et culture nationales.

umurimo no kuwunoza, ubutwari, ubwitange, kwihangana, kwiramira; bivuze gutsinda irari no kwihesha agaciro.

Intore itozwa muri iki gihe rero ni umuntu urangwa n'umuco w'ubutore witeguye kurwana urugamba rutari nk'urwo hambere. Intambara agomba kurwana ifite indi sura kandi irakomeye. Ibi ni byo uwitwa Kabuta (2013:8) asobanura agira ati: "Itandukaniro hagati y'intwari yo hambere n'intwari muri iki gihe, ni uko intwari y'ubu itarwana n'umwanzi w'ishyanga cyangwa ibinyamaswa by'inkazi n'ibindi biremwa biteye ubwoba, ahubwo ararwana no guhindura imyumvire itamuha ikizere cyo kubaho, kurwanya inzara, ubukene n'ubujyahabi"[2].

Urugamba Abanyarwanda barwana na rwo muri iki gihe ni urwo kwikura mu bukene, mu bujiji, gukora umurimo unoze, kwigira no kwihesha agaciro, kwagura amarembo no kubana neza n'andi mahanga, kwitabira ubumenyi n'ikoranabuhanga n'ibindi bifasha kwihutisha iterambere ry'Igihugu.

Ku birebana n'ibyivugo by'intore muri iki gihe, hari ibyahimbiwe mu itorero mu byiciro by'imitwe y'intore zitandukanya maze Komisiyo y'Iguhugu y'Itorero ibikubira mu nyandiko yo ku ya 6 Kamena 2020, hakaba n'ibyo MINUBUMWE igitunganya. Kubera ko bitarasakara ngo bikwire muri rubanda, hari abavuga ko muri iki gihe nta byivugo biriho. Abandi na bo bavuga ko n'ibihari atari ibyivugo nyirizina ahubwo ari amayingabyivugo.

---

[2] La différence entre le héros traditionnel et le héros moderne c'est que ce dernier ne lutte plus contre les guerriers, monstres ou autres êtres surnaturels mais contre le fatalisme, la faim, la pauvreté et la misère, bref la souffrance.

Hari kandi abantu benshi bitiranya ibyivugo by'intore nyirizina n'amazina y'ubutore y'Uturere n'Umujyi wa Kigali. Aha turagira ngo twerekane aho bitandukaniye.

Dore ayo mazina y'ubutore uko ateye.

**Imbonerahamwe ya 1: Amazina y'ubutore y'Uturere n'Umujyi wa Kigali**

| Intara/Umujyi wa Kigali | Izina ry'ubutore ry'Akarere | Imihigo/intego ishyizwe imbere |
|---|---|---|
| 1. Umujyi wa Kigali | 1. Inshozamihigo za Nyarugenge | Rwanda tuzakugira intajorwa uhorane ijabo no mu mahanga. |
| | 2. Imbanzarugamba za Kicukiro | Turi Impararirwagutebuka mw'Iterambere mu ntore turi abambere. |
| | 3. Indengabaganizi z'Impingane za Gasabo | Ku isoko y'u Rwanda duhora ku isonga. |
| 2. Amajyepfo | 1. Abadahigwa ba Nyanza | Dufatanye, Duhindure kandi vuba |
| | 2. Imparirwamihigo za Nyamagabe | Urugero rw'ibishoboka mu rugamba rw'iterambere. |
| | 3. Imbangukiramihigo za Muhanga | Dukore byinshi byiza kandi vuba. |
| | 4. Indashyikirwa za Nyaruguru | Igicumbi cy'impinduka nziza. |
| | 5. Abesamihigo ba Kamonyi | Iterambere rirambye |

| | | |
|---|---|---|
| | 6. Indongozi za Ruhango | Umurimo unoze umusingi w'iterambere |
| | 7. Indatirwabahizi za Huye | Twiyemeje kuba ku isonga mu mihigo |
| | 8. Imbanzabigwi za Gisagara | Ijabo riduhe ijambo, dukorane umurava dutere imbere. |
| 3. Iburengerazuba | 1. Imparirwakurusha za Ngororero | Gukora ni kare |
| | 2.Indatwa mu mihigo za Rusizi | Ubufatanye mu iterambere |
| | 3. Indongozi za Nyamasheke | Gukora ni kare- ugire ubukire- Tubukoreye dufatanyije twese hamwe kandi vuba byose ni magirirane. |
| | 4. Inganji za Rubavu | Umuvuduko mu iterambere, imihigo twayigize intego. |
| | 5. Inkingi z'impinduramatwa za Karongi | Ubufatanye, umu rimo unoze twihute mu iterambere. |
| | 6. Abadahigwa ba Rutsiro | Mu mihigo imihigo twayigize intego |
| | 7. Inzirakurutwa za Nyabihu | Twarabimenye, twiyemeje kubikora, ahari ubushake byose birashoboka n'imbaraga zirahari. |
| 4. Amajyaruguru | 1. Inyangakugoma za Musanze | Ubumwe, ubutwari, umurimo unoze |

| | | |
|---|---|---|
| | 2. Indacogora mu mihigo za Burera | Ubutwari, ubufatanye n'iterambere rirambye. |
| | 3. Abesamihigo ba Gakenke | Turi Indongozi mu mihigo, Indangagaciro ziraturanga, mu rugamba rw'Iterambere n'Umutekano. Ibikorwa birivugira. |
| | 4. Inyemezamihigo za Gicumbi | Inyemezamihigo- Imbere mu ngamba |
| | 5. Abadahigwa ba Rulindo | Badahusha intego mu mpinduramatwara, ubukungu na poritiki. |
| 5. Iburasirazuba | 1. Abakeramurimo ba Bugesera | Gukunda umurimo, guhanga umurimo, kunoza umurimo, kandi vuba. |
| | 2. Inkeramihigo za Rwamagana | Turitwese Mu Mihigo-Turi twese Mu Mihigo-Turi twese Mu Mihigo. |
| | 3. Intaramanaguhiga za Ngoma | Zesa imihigo, zesa imihigo, zesa imihigo. |
| | 4. Intaganzwa za Kirehe | Iterambere ryihuse kandi rirambye |
| | 5. Inkomezamihigo za Kayonza | Mu iterambere dukora nk'umurabyo turi ku isonga turasobanutse. |
| | 6. Inkomezamihigo za Gatsibo | Ishema rya Gatsibo-Ibakwe mu iterambere (Together-We can do better). |
| | 7. Imparirwakurusha za Nyagatare | Duhora ku isonga mu iterambere. |

**Isoko: Itorero ry'Igihugu, 2007**

Dukurikije imiterere y'izi mvugo dusanga zidakwiye kwitwa ibyivugo. Izi mvugo zigizwe n'ibice bibiri. Igice cya mbere kigizwe n'izina ry'igisingizo k'intore rikurikiwe n'ikinyazina ngenera hagataho aho izo ntore zibarizwamo. Igice cya kabiri n'ishyaka izo ntore zishyize imbere. Mu yandi magambo ni ikiranga izo ntore.

Duhereye ku miterere y'ibyivugo byo hambere dusanga birangwa n'ibi bikurikira:

- Izina ry'igisingizo ari nteruro
- Ikinyazina ngenera: wa, rwa, ka, cya, ya…
- Icyuzuzo cyangwa se w'interuro: izina rya se, cyangwa se izina ry'ikitiriro
- Inshinga Ndi ikurikiwe na ruhamwa. Ni ukuvuga icyo yigereranya na cyo mu bwiza cyangwa se mu buhangange gitinyitse mu muco wa Kinyarwanda.
- Ibigwi: igice kivugwamo urutonde rw'amazina y'ababisha intwari yatsinze ku rugamba ndetse akenshi akanavuga aho yagiye akorera ibyo bikorwa.
- Ibirindiro: ibindi bikorwa by'ubutwari bitari kwivugana ababisha nko gukaruka mbere abandi bakamugarukira, kwimana uwo mwatabaranye wibasiwe n'umubisha n'ibindi. Washoboraga no kuvuga aho wabikoreye.

Tugendeye rero kuri iyi miterere rusange y'ibyivugo dusanga kiriya gice cya mbere cyaba cyujuje turiya turango dutatu twa mbere: izina ry'igisingizo, ikinyazina ngenera n'icyuzuzo. Igice cya kabiri navuga ko ari ishyaka cyangwa imihigo intore zimirije imbere.

Tugendeye rero kuri ibi tumaze kuvuga twumva ibi bitafatwa nk'ibyivugo ahubwo byakwitwa amazina y'ubutore y'Uturere n'Umujyi wa Kigali kuko bitandukanye n'ibyivugo by'intore nk'uko tubibona muri iyi mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 2: Urugero rw'ibyivugo by'intore muri iki gihe**

| **Umutwe w'intore** | **Ikivugo** |
|---|---|
| **Intagamburuzwa:Umutwe ugizwe n'abanyeshuri biga muri kaminuza n'amashuri makuru)** | Ndi Intagamburuzwa mu Nkomezamihigo,<br>Ndi Umurinzi w'ibyagezweho,<br>Ndi Indashyikirwa mu bumenyi,<br>Ndi Nkore neza bandebereho.<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya<br>N'iterambere rya Afrika". |
| **Inkomezabigwi (Intore ku rugerero).** | Ndi Inkomezabigwi mu Nkomezamihigo<br>Ndi intore ku rugerero rw'umurage wa Gihanga<br>Ndi Umurinzi w'ibyagezweho<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya<br>N'iterambere ry'Afurika |

**Isoko: Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020**

Ibyivugo by'intore ni ibyivugo bigufi byahimbiwe cyangwa bihimbirwa mu itorero byibutsa ibyivugo by'iningwa byo hambere. Imiterere yabyo irangwa n'urucukirane rwa "Ndi" mu ntangiriro, yibutsa ibyivugo byamamaye mu mpera z'ikinyejana cya XIX bigakomeza no ku ngoma ya Yuhi V Musinga no mu ntangiriro z'iya Mutara III Rudahigwa.

Aho ibi byivugo by'intore bitandukaniye n'ibyivugo byo hambere ni uko ibyo hambere byari byubakiye ku nkingi ebyiri ari zo ibigwi n'ibirindiro bivuga ibikorwa by'ukuri byo ku rugamba. Byashobokaga ariko ko ingabo inahiga ibyo izakora mbere yo kujya ku rugamba ariko ikazavuga ibigwi ivuye ku rugamba.

Mu byivugo by'intore muri iki gihe bishingiye ku bigwi by'imihigo intore ishyize imbere gusa nta birindiro bigaragaramo. Bivuga imyitwarire igomba kuranga intore mu rugamba rw'iterambere. Nituvuga rero ibyivugo by'intore hage humvikana intore zo muri iki gihe nk'uko twabisobanuye.

**2.6. Iterambere rirambye**

Muri iki gihe iterambere rirambye ni inshoza abayobozi b'ibihugu byinshi byo ku isi bakigarukaho kenshi mu magambo bavuga arebana n'iterambere. Iki gitekerezo cyagaragaye cyane mu mpera z'ikinyejana cya XIX mu biganiro mpuzamahanga byavugaga ku ruhare rw'ibikorwa bya muntu mu kwangiza ibidukikije mu izina ry'iterambere.

Mu ntangiriro z'ikinyejana cya XX ni ho hagaragaye ubushake budasubirwaho bwo kurengera ibidukikije. Inama mpuzamahanga ziganira ku kibazo k'ibidukikije n'iterambere zakomeje kwiyongera kugeza ubwo mu wa 1972 hasohotse bwa mbere raporo y'itsinda ry'i Roma yitiriwe Meadows (Club de Rome) yamagana ku mugaragaro uruhare rw'ibikorwa bya muntu mu kwangiza ibidukikije. Iyi raporo yerekanaga ko kugira ngo iterambere ry'ubukungu rishobore kuramba rigomba kujyana no kubungabunga ibidukikije.

Kuva icyo gihe impaka kuri icyo kibazo zarakomeje kugeza ubwo mu wa 1983, Umuryango w'Abibumbye ushyizeho komisiyo yo ku rwego rw'isi iyobowe yagombaga kugaragaza isano hagati y'ibidukikije n'iterambere. Iyo komisiyo yari iyobowe na Madamu Gro Brundtland wari Minisitiri w'Intebe wa Norvège. Ibyagezweho muri ubwo bushakashatsi byakubiwe muri raporo yitwa *Ejo hazaza hacu twese* (*Notre avenir à tous*/*Our Common future*) izwi kandi ku izina rya raporo Gro Brundtland yasohotse mu wa 1987.

Iyi raporo yaje isubiza ibibazo abahanga benshi bibazaga ku iterambere n'ibidukikije. Ni yo yatanze bwa mbere intero y'iterambere rirambye muri aya magambo: " Ni inzira y'iterambere itanga ibisubizo ku bikenewe muri icyo gihe bitabangamiye ubushobozi bw'ibisekuruza bizaza mu kubonera ibisubizo by'ibikenewe mu gihe cyabo"[3].

Iyo raporo ikomeza ivuga ko iterambere rirambye ryubakiye ku nkingi eshatu ari zo: iterambere ry'ubukungu, imibereho myiza, no kubungabunga ibidukikije. Kuri izi nkingi eshatu hongerwa iya kane y'imiyoborere myiza. Nubwo hari ntero zirenga magana abiri ku iterambere rirambye (Pearce na Walrath, 2000), abahanga bemeza ko intero yatanzwe muri iyi raporo yitiriwe Brundtland ari yo yabaye gikwira kandi ikaba yemerwa na benshi ku isi kugeza magingo aya ndetse n'ibihugu hafi ya byose bikaba bifatira ku ziriya nkingi mu kugena ikerekezo k'iterambere (Baker na Suzan, 2006). Gusa nanone buri gihugu kigenda kigira umwihariko wacyo bitewe n'ibyo gishyize imbere.

Iki kerekezo k'iterambere cyaje gukurikirwa n'ikitwa Intego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi (Millenium Development Goals: MDGs) kuva 2000 kugeza 2015. Iki na cyo cyakurikiwe n'ikerekezo k'Intego z'Iterambere Rirambye (Sustainable Development Goals: SDGs) cyashyizweho n'Umuryango w'Abibumbye (ONU) kuva 2015 kugeza 2030.

Iki kerekezo cyubakiye ku ntego 17 ari zo: kurwanya ubukene, kurwanya inzara, guharanira ubuzima bwiza n'imibereho myiza, uburezi bufite ireme, uburinganire, amazi meza n'isukura, imihindagurikire y'ikirere, kurengera ubutaka, ingufu,

---

[3] Un mode de développement qui répond aux besoins du présent sans compromettre les capacités des générations futures de répondre aux leurs.

imirimo iciriritse n'ubukungu, inganda no guhanga udushya, kurwanya ubusumbane, kubaka imigi ihamye, guhuza ibyo umuntu yinjiza n'ibyo akoresha mu mibereho, ubutabera n'imiyoborere myiza, ubufatanye mpuzamahanga. Ibi byose ariko bishingiye kuri raporo yitiriwe Gro Brundtland tumaze kuvuga.

Muri uru rwego rw'iterambere rirambye u Rwanda rwo rwunguruje intera rwinjiza iterambere rirambye muri Gahunda y'Ikerekezo 2050 ndetse n'Ikerekezo cy'Afurika 2063 cy'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe. Izi ngingo zose tumaze kuvuga zigaragaza mu byivugo byinshi by'intore muri iki gihe nkuko tuza kubyerekana mu mutwe wa kane.

(kongeramo ibjyanye n'uburezi)

### 2.7. Ibyanditswe mbere bifitanye isano n'insanganyamatsiko

#### 2.7.1. Ibyivugo ahandi

Ubuvanganzo bugamije kwirata ubutwari si umwihariko w'Abanyarwanda gusa kuko no mu bindi bihugu byinshi habamo bene ubwo buvanganzo. Inganzo y'ibyivugo tuyisanga mu bihugu byinshi by'Afurika. Nko muri Afurika y'uburengerazuba hari ibyivugo byo mu Baworofu (Wolof) bo muri Senegali (Senegal) bigabanyijemo ibyiciro bitatu. Kabuta (1995) atubwira ko hari ibyitwa tagi (tag) bigiye mu nzira ya gisizi higanjemo amazina y'ibisekuruza asingiza. Hari kandi ibyitwa baku (bakku) aho uwivuga yirata ibigwi yagaragaje mu bintu bitandukanye. Hari n'ibyitwa tasu (taasu) ari byo byivugo byihariye by'abagore birangwa n'amazina asingiza avuga ibisekuruza bakomokamo.

Muri Afurika y'Epfo twavuga ibyivugo by'Abazulu (Zoulu) byitwa izibongo (izibongo) cyangwa ibyitwa maboko (maboko) by'Abatswana. Muri Afurika y'Uburasirazuba hari ibyivugo by'Abahima bo mu Bugande byitwa ebyivugo

(ebyivugo), muri Tanzaniya hakaba ibyitwa kivugo cyangwa majigambo, naho muri Somaliya hari ibyitwa fani (faan).

Muri Afurika kandi hari ibyitwa “kasala” byo mu Baluba ndetse na (tudumunu) thudumunu byo mu Bayaka (Yaka) bo muri Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo (République Démocratique du Congo). Mu Burundi bafite ingeri y’ubuvanganzo yitwa “amazîna” ari na ho dusanga ibijya gusa n’ibyivugo byo mu Rwanda. Mu majyaruguru y’icyo gihugu bakoresha ijambo “amazîna” n’impuzanyito yaryo “amatâazirano y’îivyîivugo” cyangwa “amazîna y’ûrugaâmba” (autopanégyriques) biva ku nshinga ku-iy-vug-a (Rodegem, 1973:78). Ikiranga aya “mazîna” ni uko akoresha ngenga ya mbere y’ubumwe bisa neza n’ibyivugo byo mu Rwanda nk’uko bigaragara mu rugero rukurikira:

> Ndi umukurirano wa Ruge ndi iyica ndi iya Bikomati
> Ndi iryoya ndi iry’intakebwa ritanaze mu bwirinde ritwara
> Mugurugu. Ndi iya ngiraakimazi ndi iya Bikomati sinigeze
> Umureranteko Abirinde n’Ingerabibero bacikana
> Abagamba kw’itongo kwa Rugonza. (Rodegem, 1973: 86).

Gusa rero Abarundi bagira n’ibyo bita “amazina y’ubuhizi” aho uwivuga arata ubutwari bwe ubwo ari bwo bwose muri rusange na ho ku bijyana n’urugamba bagira ibyo bita “amazina y’urugamba” aho uwivuga arata ibigwi bye byo ku rugamba, nyamara iyo urebye imiterere yabyo usanga ntaho bitaniye cyane nk’uko uru rugero rubitwereka:

> Ndi umuhizi sinatabariye kujunjana imyampi intambara ivugiye
> kwa Rugeyo abana b’impayamaguru bavoma igisanza mu
> gishanga i Kabutare. Ndi umuhimbarangoga ndi uwa Ruhiza
> Nashingukanye ubuhizi agakirwe bakura mu ndengane
> (Rodegem, 1973:92)

### 2.7.2. Ubushakashatsi ku byivugo mu Rwanda

Muri rusange imirimo y’ubushakashatsi yakozwe ku byivugo iracyari iyanga. Ikindi ni uko usanga ibyivugo bijyanye n’intambara ibyivugo ari byo byakozweho ubushakashatsi cyane. Impamvu inyigo ku byivugo zikiri nke zirajyana ni uko mu by’ukuri umuco w’ubushakashatsi muri rusange utarashinga imizi mu Rwanda nkuko Ntakirutimana, Mukama na Niyibizi (2019:29) babyemeza bagira bati: “Uwavuga ko umuco w’ubushakashatsi utarashinga imizi mu Rwanda ntiyaba aciye inka amabere”.

Ikindi na cyo gikwiye gushakirwa igisubizo ni uko n’imirimo y’ubushakashatsi yakozwe imyinshi yanditswe mu ndimi z’amahanga cyane cyane Igifaransa ku buryo bitorohera benshi kubigeraho.

Abashakashatsi ba mbere bavuze ku byivugo birata ingabo ku rugamba ku buryo bugaragara si benshi. Uw’ikubitiro ni Bugingo (1966) washyize ahagaragara inyandiko ngufi isesengura ibyivugo bibiri aho avuga iby’ubutwari bwo kwivuna umwanzi ku rugamba.

Kagame (1969) ni we wa mbere wakoze wasobanuye neza amoko y’ibyivugo by’intambara n’inkingi byubakiyeho ari zo ibigwi n’ibirindiro. Mu moko y’ibyivugo avugamo ibyivugo bigufi byitwa iningwa, ibyivugo birebire bigabanyijemo ibika byitwa imyato n’ibindi birebire bitagabanyijemo ibika yabuze uko yita.

Muri icyo gitabo kandi yagiye atanga n’ingero z’ibyo byivugo anabihuza n’amateka byavukiyemo. Yanavuze kandi ku mpeta z’ubutwari zagorerwaga ingabo yabaye indashyikirwa ari zo umudende (uwishe ababisha barindwi mu itsimbiro), impotore (uwivuganye ababisha cumi na bane) no gucana uruti (umuhango wakorerwaga intwari yivuganye ababisha makumyabiri n’umwe).

Ntabwo we yigeze yinjira mu isesengura ryimbitse ry'ibyivugo agamije kwerekana indangagaciro zikubiyemo.

Coupez afatanyije na Kamanzi (1970) na bo bateye mu rya Kagame bavuga ku moko y'ibyivugo by'ingabo ku rugamba. Bo begeranyije ibyivugo bitandukanye babishyira mu Gifaransa maze babitangaho intekerezo ariko batagamije kugaragaza gusesengura indangagaciro zose zikubiye mu byivugo by'ingabo ku rugamba uretse gutabarira Igihugu no kwivuna umwanzi.

Bigirumwami (1972) we agarukira ku kwegeranya ibyivugo binyuranye atagambiriye isesengura ryabyo. Ikiza ke ni uko uyu murimo yawanditse mu Kinyarwanda. Kampayana (1984) mu nyandiko irambuye yasesenguye ibyivugo by'intambara mu kerekezo k'isesengurandimi mbandankomoko aho agaragaza imiterere yabyo ndetse n'ikivugwa. Na we avuga ku bikorwa by'ubutwari bw'ingabo ku rugamba bijyana no kwivuna umwanzi ariko nta by'indangagaciro bindi asobanura ku buryo bugaragara.

Bizimana (2002) we agashya ke mu gitabo kivuga ku buvanganzo ni uko yahaye izina ibyivugo Kagame yari yarabuze uko yita. Yabyise ibyivugo by'impuruture cyangwa ibihuruturano. Nta nyigo yihariye irambuye yakoze ivuga ku byivugo ku buryo wabona aho asobanura byimbitse indangagaciro zigaragaza mu byivugo.

Kayumba (2009) yasesenguye ibyivugo by'ingabo ku rugamba ahereye ku bya Kampayana. Uyu mushakashatsi afite akarusho ko kuba akomoza ku ndangagaciro zigaragara mu byivugo byo hambere harimo ubutwari, gukunda Igihugu, kugira ishyaka n'ukuri. Ikindi gishya yazanye ni uko avuga ko ibikorwa by'ubutwari byavugwaga mu byivugo by'ingabo byo hambere bishobora kwinjizwa mu buzima busanzwe bwo muri iki gihe.

Aha turatanga urugero rw'ikivugo kitwa Nyamushishikarira kuba ingenzi cyahimbwe na Bagambake Marie Grâce mu wa 2002 igihe yigaga muri Kaminuza

y'u Rwanda. Muri iki kivugo nyiracy ararata ubukoramutima bwe nk'umukobwa w'Umnyarwandakazi. Dore igice k'inkuro y'icyo kivugo:

> Nyamushishikarira kuba ingenzi
> Ndi umwari muziramwanda
> Sinjya ntangwa gufata umweyo
> Ndi umukobwa ubereye u Rwanda
> Sinijana mu mirimo y'imuhira
> […]
> Abakobwa mbaba ku isonga
> No mu majyambere sinatanzwe
> No mu mashuri atanga ubwenge
> Ubuhanga ndetse n'ubuhanzi
> Gusahakashaka no gushungura
> Byose mbigirana umwete. (Kayumba, 2009: 178)

Ikindi kiza muri iyi nyigo ya Kayumba ni uko yayikoze mu Kinyarwanda kandi akaba agaragaza ko n'umukobwa ashobora kwivuga akirata ubutwari mu bikorwa byo mu buzima busanzwe.

Ngarambe (2021) we, mu nyigo ngufi yakoze, yasesenguye ibyivugo by'intore muri iki gihe agaragaza uruhare rwabyo mu gukungahaza Ikinyarwanda. Yanavuze no ku ndangagaciro zikubiye muri ibyo byivugo ariko ntiyabisesengura mu buryo bwimbitse.

Ubushakashatsi bwacu rero buje kunguruza iyo nyigo tumaze kuvuga no guhamya ibyo Kayumba yakomojeho birebana n'uko wahuza indangagaciro zikubiye mu byivugo n'ubuzima busanzwe. Umwihariko wacu ni uko ari yo nyigo ya mbere ikozwe ku byivugo by'intore muri iki gihe igaragaza ko ibi byivugo ari ibyivugo bihamye bifite uturango tw'iyo ngeri y'ubuvanganzo. Ikindi ni uko tugaragaza ko ibi byivugo bibumbatiye indangagaciro u Rwanda rwakubakiraho iterambere rirambye tunavuga uburyo iyi nganzo yakongera gusakara muri rubanda.

## 2.8. Umusozo

Muri iki gice twasobanuye inshoza zimwe na zimwe tubona ko zishobora kwitiranywa n'ibyivugo n'izindi nshoza zifite aho zihuriye n'insanganyamatsiko yacu. Twerekanye kandi ko ibyivugo by'intore ari ibyivugo bihamye byifitemo ubwiza bigaragarira mu mikoreshereze y'ururimi ndetse bikaba binabumbatiye indangagaciro Umunyarwanda akwiye kumenya no kuzirikana mu buzima bwe bwa buri munsi.

## UMUTWE WA GATATU: UBURYO MBONEZANYIGO

### 3.0. Iriburiro

Muri uyu mutwe turerekana igenamiterere, cyangwa inkingi ubushakashatsi bwubakiyeho, igenamiterere y'ubushakashatsi, ikerekezo twakozemo ubushakashatsi bwacu n'uburyo bw'isesenguramakuru.

### 3.1. Igenamiterere y'ubushakashatsi

Ubusahakashatsi bwose bugira uburyo bukorwamo butewe n'ubwo ari bwo ndetse n'ikigamijwe. Bitewe n'imiterere y'indundo y'ubushakashatsi bwacu ndetse n'ikigamijwe ari cyo kwerekana isano iri hagati y'ibyivugo nk'ingeri y'ubuvanganzo n'imibereho y'Umunyarwanda muri iki gihe, twasanze ubushakashatsi bwacu buberanye n'uburyo nyamimerere. Ibi ni byo Nkusi na Mukama (2019) basobanura bavuga ko abantu batekereza uko batekereza kandi bitwara uko bitwara bitewe n'aho bari n'uburyo babayeho mu gihe runaka. Bakomeza bavuga ko abantu bari mu buzima runaka baba bafite igisobanuro baha imibereho yabo ku buryo butandukanye n'uko undi muntu utari muri ubwo buzima abyumva. Ukuri kurenga ibyo umuntu abonesha amaso.

Muri iki gihe ukuri gukubiye mu byivugo by'intore kuva aho itorero ryongeye gutangizwa nyuma y'igihe kirekire ryarakuweho, gutandukanye n'uko byari bimeze mu Rwanda rwo mu bihe byatambutse aho Abanyarwanda babaga mu ntambara z'urudaca n'ibihugu birukikije bashaka kwagura no kurengera Igihugu cyabo.

### 3.3. Ikusanyamakuru

Kubera ko ibyivugo by'intore bitarasakara mu Banyarwanda kandi tukaba tugamije kugaragaza ko ibyivugo by'intore ari ibyivugo bihamye mu misusire

n'ikivugwa, mu gukusanya amakuru twagiye mu masomero anyuranye aho twasomye ibitabo n'inyandiko bitandukanye bivuga ku byivugo bya kera bigusha ku butwari bwo ku rugamba rwo kwagura no kurengera Igihugu. Twanasomye kandi inyandiko zinyuranye zivuga ku bindi byivugo bitari iby'intambara. Twitaye cyane ku bireba n'ibyivugo by'intore muri iki gihe nk'uko byashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero tariki ya 6 Kamena 2020 kuko ari byo umurimo wacu wubakiyeho.

Twanasomye inyandiko zivuga ku isano iri hagati y'ubuvanganzo n'iterambere muri rusange n'izivuga ku iterambere rirambye by'umwihariko. Ibi byadufashije kurushaho gusobanukirwa n'ibyo abashakashatsi banyuranye bavuze ku byivugo muri rusange byaba ibyo mu Rwanda ndetse n'ibyo mu bindi bihugu.

### 3.4. Imurikamakuru n'isesenguramakuru

Mu buryo bwo kugaragaza amakuru ajyanye n'ibyivugo by'intore kugira ngo usoma iyi nyigo yoroherwe twihaye uburyo bw'imyandikire iranga ibyivugo. Turifashisha ingero zibisobanura neza kugira ngo birusheho kumvikana. Tuvuge ko tugiye gutanga urugero rw'ikivugo cy'umutwe w'intore witwa "Indangamirwa"; mu buryo bwo kuranga icyo ikivugo twagiye twandika izina ribanza ry'umutwe w'ikivugo tugakurikizaho akitso, hagakurikiraho inyuguti ya nkuru (inyuguti itangira igicumbi k'izina ikivugo) hagaheruka nomero y'ikivugo iranga icyo kivugo mu nyandiko ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020). Duhereye ku rugero rw'ikivugo k'Indangamirwa, twanditse kuri ubu buryo bukurikira: Indangamirwa, V6.

## 3.5 Ikerekezo nyoborabushakashatsi

### 3.5.1. Ikerekezo k'inyigo

Mu by'ukuri ubushakashatsi bwacu bugamije gusesengura inganzo y'ibyivugo tutabitandukanya no guhuza ururimi, umuco n'urubumbambaga. Abashakashatsi mu bijyanye n'umuco, bashimangira ko ikiri mu mvugo runaka ntawagitandukanya n'imigirire n'umuco w'abavuga urwo rurimi. Mu rurimi ni mo abantu berekaniramo uko babaho, uko batekereza, ibyo bashyize imbere mu gihe runaka, ibyo bemera, ibigenda bihinduka n'ibindi.

Mbese ururimi ni nk'indorerwamo y'urubumbambaga abantu barebera ishusho y'umuco ubaranga. Spir na Whorf bisubiwemo na Nkejabahizi (2019:40) babyemeza bagira bati: "Amagambo ururimi rukoresha agaragaza imibereho mu rubumbambaga n'umuco bafite".

Koko rero gusesengura ibyivugo by'intore nk'ingeri y'ubuvanganzo tugamije kugaragaza ibikubiyemo bijyana no kwerekana umuco w'Abanyarwanda n'indangagaciro zawo kuko nkuko abahanga babivuga ntawushobora gusesengura umuco uwo ari wo wose ngo awutandukanye n'ubuvanganzo buwushamikiyeho. Koko rero ibyivugo by'intore bikubiyemo ishusho y'urumbambaga nyarwanda muri iki gihe.

Ni yo mpamvu kugira ngo inyigo yacu irusheho kunoga, gusobanuka no kumvikana neza twubakiye ubushakashatsi bwacu ku kerekezo kitwa isesengurandimi mbandankomoko "Ethnolinguistique/Ethnolinguistics".

Ku ikubitiro, umushashatsi Calame Griaule ni we wigaragaje cyane mu guteza imbere iki kerekezo aho yagikoresheje yiga ubuvanganzo nyamvugo nyafurika. Yaje gukurikirwa n'abagize itsinda rya Laboratwari y'Indimi n'Umurage mvugo mvutsabushya (LACITO Laboratoire des Langues et Civilisations à Traditions

orales) babaga i Paris mu Bufaransa. Abashakashatsi bakomeje kwibaza ku ntero n'uturango twihariye by'iryo hange byatuma ritandukana n'andi mahange nk'isesengurandimi nyamuryango n'andi.

Nyuma hari impaka nyinshi abashakashatsi banyuranye bagiye bajya kuri iki kerekezo baje gusanga mu by'ukuri gikomatanya izindi ngeri z'ubumenyi nyamuntu nk'iyigandimi, iyigamuntu, amateka, ubumenyi bw'isi n'ibindi. Ibi ni byo bamwe nka Bonvini (1979:57) yemeza agira ati: " Ni urugero rufatika rw'impuzaburyo y'amahange menshi"[4].

Abandi nka Rodegem (1974a:286) abishimangira avuga ati: " Ni isangano rihuriramo ubumenyi bwose nyamuntu"[5].

Ku birebana n'u Rwanda by'umwihariko, iki kerekezo cyakoreshejwe ku ikubitiro n'abihayimana n'abakoroni bibaza ibibazo ku muco w'abantu bafataga nk'abasigaye inyuma.

Mu bihe bitandukanye by'amateka Abanyarwanda na bo ntibatanzwe no gusesengura umurage mvugo wabo muri iki kerekezo. Nkejabahizi (2013) avuga ko Umunyarwanda wateje imbere ku buryo bugaragara iki kerekezo ari L. Nkusi mu wa 1976 aho mu nyigo ye ku buvanganzo nyamvugo afatiye ku rugero rw'imigani y'imigenurano yerekana ukuntu ubuvanganzo nyarwanda muri rusange ari ishusho usomamo imibanire n'imitekerereze by'urubumbambaga.

Nyuma y'uyu murimo we hakurikiyeho inyigo z'ubushakashatsi nyinshi zakozwe n'abanyeshuri yigishije ndetse n'abandi bari bamaze gusobanukirwa neza n'amahame y'icyo kerekezo. Kuva icyo gihe kugeza magingo aya inyandiko zakozwe muri icyo kerekezo ni nyinshi.

---

[4] La forme la plus forte de l'interdisciplinarité

[5] Carrefour où se rencontrent toutes les sciences de l'homme

Ku birebana n'ibyivugo by'intore muri iki gihe iki kerekezo cyadufashije kwerekana ko ibi byivugo bifite uturango tw'ingeri y'ibyivugo koko kandi ko hajishemo indangagaciro zisobanura amatwara Iguhugu kifuza kubakiraho iterambere rirambye. Mu yandi magambo iki kerekezo cyadufashije kugaragaza isano itaziguye iri hagati y'ibyivugo nk'imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda n'imibereho y'Umunyarwanda.

### 3.5.2. Uburyo n'inzira

#### 3.5.2.1. Isesengurantego/isesenguramisusire

Nkejabahizi (2018) avuga ko isesengurantego banaryita kandi isesenguramisusire kuko usanga ryifashisha amahame y'iyigandimi mu gusesengura inyandiko. Akomeza avuga ko ubu buryo bwatangijwe na Roman Jakobson na bagenzi be bari bagize Itsinda nyigandimi ry'i Mosuku (Cercle linguistique de Moscou) mu Burusiya mu myaka ya 1920, nyuma baje kwitwa n'ishuri nyigandimi ry'i Purage (Cercle linguistique de Prague) aho baviriye i Mosuku (Moscou) bakajya i Purage (Prague). Iri shuri ni ryo ryamamaje cyane ubu buryo bw'isesengurandimi.

Mu isesengura ry'ururimi nk'urusobe rw'ibimenyetso byifashishwa mu itangabutumwa, Roman Jakobson (1977) agaragaza amafatizo atandatu y'ubwumvane yubakiraho imimaro itandatu y'ururimi.

Iyo mimaro ni: umumaro nyakivugwa wubakiye ku butumwa, umumaro nsesekaza cyangwa nsesekazamutima ushingiye kuri nyakuvuga, umumaro nyakubwirwa wubakiye kuri nyakubwirwa, umumaro nyaburanga cyangwa nyabusizi, umumaro nyakuzo cyangwa nzira wubakiye ku muyoboro w'ubutumwa n'umumaro ndengarurimi cyangwa nsobanuzi.

Ubu buryo bwadufashije kwerekana ko mu byivugo hagaragaramo cyane umumaro nsesekazamutima wubakiye kuri nyakuvuga. Mu miterere y'ibyivugo by'intore hakoreshwamo ngenga ya mbere nkuko tubisanga mu byivugo byo hambere. Ubu buryo kandi bwadufashije kwerekana indangagaciro y'ubumwe yigaragaza mu byivugo by'intore byose.

Ku basesenguramisusire, inyandiko mvanganzo irihagije, ni yo mpamvu igomba kwigwa cyangwa gusesengurwa bagendeye ku biyigaragaramo nyabugeni, aho kugendera ku biri hanze. Ni cyo gituma R. Jackobson (1977) bisubiwemo na Nkejabahizi (2019 :44) agira ati : "Icyo ubuhanga busesengura inyandiko bugomba kwiga si ubuvanganzo, ahubwo ni ikiranganzo, ni ukuvuga igituma inyandiko iba inyandiko mvanganzo". Ibi bivuze ko usesengura yita ku miterere n'imyubakire y'interuro, akareba ubwoko bw'interuro zakoreshejwe, amagambo agize izo nteruro akagerageza kumva impamvu zabyo.

Isesenguramisusire kandi ryadufashije kugaragaza ko amagambo akoreshwa mu byivugo by'intore ajyana koko n'imiterere y'ibyivugo nkuko dusanzwe tubizi, akaba ari kimwe mu byo dushingiraho twemeza ko ibyivugo by'intore muri iki gihe bikwiye kwitwa koko ibyivugo. Gusa rero imiterere n'imyubakire by'ayo magambo n'interuro ntibihagije kugira ngo tuboneze ubushakashatsi bwacu.

Ni yo mpamvu tudahagararira ku mumaro ngenamvugo gusa kuko nkuko L. Spitzer (1970) mu gitabo kitwa *Etudes de style* bisubiwemo na Nkejabahizi (2019 :45-46) avuga ati :

Isesenguramisusire si ukwita ku miterere y'inyuma y'inyandiko ngo wirengagize icyo ihatse, ntacyo byaba bivuze, ahubwo ni ugufata ikivugwa ubwacyo nk'imisusire isharaze mu rujyano rw'ikiriho […]. Ik'ingenzi hano, ni uruhare rw'imiterere mu kubaka ikivugwa.

Ni yo mpamvu twanifashishije kandi uburyo bw'isesengurangingo kugira ngo tugaragaze neza icyo ibyivugo by'intore bibumbatiye.

### 3.5.2.2. Isesengurangingo

Iri hange ry'isesengura ryatejwe imbere n'abantu nka Richard (1964), Staronbiski (1970), Poulet (1971). Bamwe nka Genette (1966) barigaya ko ritita ku miterere y'inyandiko, ntirigendere ku bintu bifatika, bigaragara. Nyamara nta ngingo ibaho gutya gusa itagendeye ku miterere y'inyandiko. Ni byo Hjemslev (1971:70) Bisubiwemo na Nkejabahizi (2018), abyemeza avuga ko ntawushobora gusesengura ingingo cyangwa ikivugwa mu nyandiko abitandukanya n'imisusire cyangwa imyandikire. Ibi na Nkejabahizi (2018) abisubiramo avuga ko umusesenguzi adafata inyandiko gusa uko yakabaye, ni ukuvuga igizwe n'amagambo cyangwa interuro n'uburyo bikoze hamwe n'icyo bihatse, ahubwo yirebera icyo ayo magambo cyangwa interuro byifitemo cyangwa bihishe ; ni ukuvuga ubutumwa bibundikiye.

Buffon bisubiwemo na Nkejabahizi (2018) avuga ko ik'ingenzi atari imberane, ibimenyetso no kurangira kw'amagambo ntacyo byaba bimaze ; hatari ibikenewe ari byo bitekerezo, inzirikanwa […]. Kuvuga neza bikaba gusa gahunda n'umugendo umuntu ayoborana ibitekerezo bye.

Ibi biratwereka ko imitekereze, ingingo biri mu nyandiko ari ingenzi cyane, ndetse ni byo bigomba kuzirikanwa mbere y'ibindi, imvugo ikaba igikoresho umuntu yifashisha atanga ibitekerezo. Mu isesengurangingo rero usesengura aranga ingingo abona ko yigaragaza mu nyandiko, igisobanuro cyayo akurikije ibivugwa ku buryo bweruye cyangwa akurikije uko we abibona cyangwa abyumva. Muri iri sesengura kandi usesengura yifashisha ibitekerezo byatanzwe

n'abandi bashakashatsi akaba yabigereranya akabishima cyangwa akabijora akurikije imyumvire n'ibihe aho bigeze.

Ubu buryo bwadufashije kugaragaza no gusesengura indangagaciro twasanze zigaragaza cyane mu byivugo by'intore Igihugu cyakubakiraho iterambere rirambye.

#### 3.5.2.3. Isesenguramatwara

Nkejabahizi (2018) avuga ko iri sesengura ryatangiye mu gice cya kabiri k'ikinyejana cya XIX cyadukanywe n'abagabo babiri Karl Marx na Friedriech Angels bagamije ivugururamitegekere. Iyo myumvire yaje kugezwa mu iyigabuvanganzo kubera ko ngo buri gihe igihangano kigirana isano n'amateka, imibanire, ubukungu n'ahantu, byaranze uwagikoze.

Kuri bo igihangano mvanganzo gisa n'ikibereyeho gukangurira abantu kibatumirira kugira icyo bakora ngo ibintu bihinduke. Ni byo Umufaransa Sartre (1948) asobanura avuga ko ubuvanganzo bwakagombye kuba umusemburo mu gutuma abantu bakanguka kugira ngo bahindure cyangwa bavugurure ibintu. Kuri we umwanditsi n'umusomyi bagomba kugira uruhare rugaragara muri poritiki, ni ukuvuga guharanira guhindura ibintu.

Nkejabahizi (2018 :117) asobanura iby'ubu buryo bw'isesengura aragira ati : “Ni ugusesengura ukurikije ibitekerezo cyanecyane bya poritiki. Ari amagambo cyangwa imvugo umwanditsi akoresha, ukabisesengura ukurikije ayo matwara, yaba ay'umwanditsi ubwe cyangwa ay'usesengura”. Koko rero amatwara ni yo aha amagambo avugwa cyangwa akoreshwa inyito, akayaha n'ububasha bwo kwemeza no kwigarurira abantu.

Ku birebana n'ibyivugo by'intore muri iki gihe by'umwihariko, ingingo cyangwa indangagaciro bikubiyemo bishingiye ku matwara ya poritiki Igihugu gifite muri iki gihe kandi kifuza ko yagenga imibereho y'Abanyarwanda mu gihe kirambye.

Ku bijyanye n'ubu buryo bw'isesenguramatwara uwitwa Angenot (1982 :23) bisubiwemo na Nkejabahizi (2018 :117) aragira ati :

> Inyandiko n'amagambo byo mu rwego rwa poritiki biri mu gice k'ibyo abenshi bita ubuvanganzo bw'imimerere cyangwa indamuko (humeur), ubuvanganzo bw'urugamba, ubuvanganzo bw'icyabaye. Kubwita ubuvanganzo bigahuzwa n'inteko ntoya cyangwa yungirije : ni ukuvuga igisa n'ubuvanganzo. Bukaba bugomba gukurwa mu buvanganzo nyabwo, niba ubuvanganzo nyabwo ari ubwizeye kuramba ubwiza : birumvukana ko bene izo nyandiko zishingiye ku biba by'igihe gito zitakaza igice k'inyota zari zifitiwe igihe icyabaye kibagiranye.

Ku ruhande rumwe ibyo uyu mushakashatsi avuga ni ukuri kuko mu miyoborere y'Igihugu umurongo ngenderwaho wa poritiki ugenda uhinduka kuko n'Abanyarwanda baravuga ngo "Ingoma n'icyo yimanye". Ku rundi ruhande ariko twe dusanga mu byivugo by'intore muri iki gihe hakubiyemo indangagaciro zibereye Abanyarwanda baba abo muri iki gihe ndetse n'igihe kizaza kuko bigaragara ko bakubakiraho imibereho yabo by'igihe kirekire.

Izo ndangagaciro ni nko gusigasira umurage, gukora umurimo unoze, ubukungu no kubungabunga ibidukikije, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubumwe bw'Abanyarwanda, kwagura amarembo no kuranga u Rwanda, ubumenyi n'ikoranabuhanga. Ubu buryo bwadufashije kwerekana ko amagambo akoreshwa mu byivugo by'intore muri iki gihe agenda ahabwa izindi nyito kandi akaba ari

amagambo ahamagarira Abanyarwanda kwicengezamo umuco w'ubutwari hagendewe ku mihigo buri mutwe w'intore ushyize imbere mu rugamba rw'iterambere.

### 3.6 Indundo

Indundo y'inyigo yacu igizwe n'ibyivugo by'intore 23 bihwanye n'imitwe 23 y'intore nkuko byashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y''Itorero (op.cit). Usanga ibyivugo by'intore ari uruhurirane rw'ingingo nyinshi zitandukanye ariko zigusha ku nsanganyamatsiko imwe yo kubaka iterambere rirambye. Tugendeye ku ngingo zigaragaza cyane muri ibi byivugo by'intore, byaduhaye amatsinda manini y'indangagaciro indwi (7) zikurikira :

1. Gusigasira no kurinda umurage wa Gihanga
2. Gukora umurimo unoze
3. Ubumwe bw'Abanyarwanda
4. Uburinganire n'ubwuzuzanye
5. Ubukungu no kubungabunga ibidukikije
6. Ubumenyi n'ikoranabuhanga
7. Kwagura amarembo no kuranga u Rwanda

Muri izi ndangagaciro hari izo Abanyarwanda bari basanganywe nko gusigasira umurage wa Gihanga, gukora umurimo unoze n'izindi hakaba n'indangagaciro nshya nko kwagura amarembo no kuranga u Rwanda, ubumenyi n'ikoranabuhanga n'izindi.

### 3.7 Umusozo

Muri uyu mutwe twerekanye uburyo umurimo wacu wubakitse muri rusange. Twanasobanuye kandi ikerekezo n’uburyo by’isesengura twifashishije mu kuboneza umurimo wacu. Twanavuze kandi ku ndundo twashingiyeho ari mo twakuye indangagaciro zo gusesengura tugaragaza uko zakubakirwaho iterambere rirambye.

# UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RY'IBYIVUGO BY'INTORE MURI IKI GIHE

## 4.1. Isesenguramisusire

### 4.1.1. Inkingi ibyivugo by'intore byubakiyeho

Ibyivugo by'intore muri iki gihe byubakiye ku nkingi ebyiri z'ingenzi zikurikira: inkingi ya mbere igizwe n'interuro igizwe n'amagambo abiri cyangwa arenga, asingiza intore kandi ayiranga, avuga iyo iri yo naho inkingi ya kabiri igizwe n'urukurikirane rw'imihigo intore ishyize imbere. Iyo mihigo kandi intore zose zigize umutwe zirayisangiye. Tubigereranyije n'ibyivugo byo hambere, ibi byivugo byubakiye ku bigwi bikubiye mu mihigo ihoraho intore igomba guhora yesa. Nta birindiro bifite. Turabyerekanisha ingero kugira ngo birusheho kumvikana.

Ku nkingi ya mbere igizwe n'amagambo aranga intore turafata ingero ebyiri. Urugero rwa mbere ni ikivugo k'Impeshakurama.

> Ndi Impeshakurama
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
> Ndi Imbangukiragutabara
> Mparanira ubuzima buzira umuze
> […]. (Impeshakurama, V9)

Muri uru rugero amagambo asingiza, aranga intore agizwe n'inshinga "Ndi" n'izina risingiza ari ryo "Impeshakurama". Andi magambo yo mu nteruro zikurikiraho ni ibigwi bikubiye mu mihigo intore ishyize imbere kandi igomba guharanira kwesa : kuba umurinzi wa Gihanga, kubangukira gutabara, guharanira ubuzima buzira umuze.

Urugero rwa kabiri ni aho amagambo aranga intore agizwe n'amagambo arenga abiri. Ikivugo k'Imbonezamurage kirabitwereka.

Ndi Imbonezamurage mu Nkomezamihigo
Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
Mparanira gusigasira ishingiro ry'iterambere rirambye
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya
[…]. (Imbonezamurage, V8)

Muri uru rugero turabona ko amagambo asingiza aranga intore agizwe n'inshinga "Ndi" ikurikiwe n'izina risingiza "Imbonezamurage" hagakurikiraho icyuzuzo kigizwe n'indangahantu "mu" ikurikiwe n'izina risingiza "Inkomezamihigo". Izindi nteruro zikurikiraho nk'uko tumaze kubibona mu rugero rubanza n'imihigo intore ishyize imbere ari yo : kurinda umurage wa Gihanga no gusigasira ishingiro ry'ubukungu.

Ibyivugo by'intore byubakitse nk'iki tumaze gutangaho urugero ni byinshi. Mu rutonde rw'ibyo twashyikiriye ibyivugo biteye bityo birarenga icumi (10).

Iyi miterere y'ibyivugo bitangizwa n'inshinga "Ndi" (n-ri) igakurikirwa n'izina risingiza hagakurikiraho icyuzuzo (Ndi + izina risingiza+ izina ry'icyuzuzo) ni kamwe mu turango tw'ingenzi twerekana ko ibyivugo by'intore muri iki gihe ari ibyivugo bihamye.

Koko rero iyo miterere yibutsa iy'ibyivugo byari byiganje mu mpera y'ikinyejana XIX no mu kinyejana cya XX ku ngoma ya Yuhi V Musinga ndetse no mu ntangiriro y'ingoma ya Mutara III Rudahigwa. Ibyo byivugo bitangirana urucucike rwa za **Ndi** zikurikiwe na ruhamya na zo zikurikiwe n'ibyuzuzo bisingiza ariko nta bikorwa byo ku rugamba bivugwamo.

Imiterere y'ikivugo tumaze kuvuga, ntaho itaniye n'iki kivugo cya Nyamucakena ya Kayitsinga ku ngoma ya Mutara III Rudahigwa :

Ndi mwemerashyaka
Ndi inkindi iratwa mu b'imbere
Ndi minega bagomba

Ndi nkubito itivanga n'impunzi
Ndi ingenzi ntabarana imihigo ahakomeye
Ndi umunyarugamba
Ndi nkubito inyurana n'amasibe
Ndi isonga mu mutwe wacu
Ndi intore isuzuguza inkenzi
[…]. (Kayumba, 2009:78)

Uretse kandi iyi miterere y'ibyivugo bya vuba no mu byivugo byo hambere hari aho washoboraga kubona iyo miterere. Urugero ni uyu mwato w'ikivugo cya Muvubyi wo mu kinyejana cya XVIII ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro.

Ndi inkura ya Nkwaya
Ndi inkuba ya Nkombe
Ndi inyamaswa y'inkaka ya Nkanika
Ndi ingwe y'amarere
Ndi imbogo mpirima mu rugamba
[…]. (Kagame, 1969:63)

Tugarutse ku miterere y'ibi byivugo bigizwe n'inshinga Ndi+izina risingiza+ icyuzuzo, usanga izina risingiza ari izina ry'umutwe mukuru ushyikirwamo n'umutwe intore yivuga ibarizwamo. Turabigaragaza twifashishije ikivugo k'Indemyabigwi, umutwe ugizwe n'abarezi b'u Rwanda.

Ndi Indemyabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi umurezi w'Intagamburuzwa
Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga
Ndi umurezi ubereye u Rwanda
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya
[…]". (Indemyabigwi, V2)

Izi ntore z'Indemyabigwi zishyikira mu mutwe munini witwa Inkomezamihigo, ushyikirwamo n'indi mitwe y'intore yiyemeje gukomeza ibikorwa by'ubutwari. Mu yandi magambo umutwe w'intore z'Indemyabigwi ni inyakirwa na ho umutwe w'Inkomezamihigo ni inyakira.

### 4.1.2. Interuro na "se" w'interuro mu byivugo by'intore

Ibyivugo by'intore muri iki gihe bigira interuro y'ikivugo ndetse na se w'interuro (icyuzuzo k'interuro). Turabyerekana twifashishije ingero z'ibyivugo bibiri.

Urugero rwa mbere ni ikivugo k'Inkomezabigwi, umutwe ugizwe n'intore ku rugerero

Ndi inkomezabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi intore yo ku rugerero rw'umurage wa Gihanga
Ndi umurinzi w'ibyagezweho
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya
N'iterambere rya Afurika.
[…]. (Inkomezabigwi, V4)

Urugero rwa kabiri ni ikivugo k'Indatabigwi, umutwe ugizwe n'abahanzi.

Ndi Indatabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
Ndi umuhanzi ubereye u Rwanda
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya
[…]. (Indatabigwi, V5)

Tugendeye ku byivugo tumaze gutangaho ingero turasanga biteye bitya:

Izina risingiza rikurikira inshinga "Ndi" ni ryo nteruro y'ikivugo. Ubwo mu kivugo k'Inkomezabigwi, izina risingiza ari ryo nteruro y'ikivugo ni Inkomezabigwi naho se w'interuro ni izina Inkomezamihigo ribanjirijwe n'indangahantu "mu".

Mu kivugo k'Indatabigwi izina risingiza ari ryo nteruro y'ikivugo ni Indatabigwi naho se w'interuro ni Inkomezamihigo.

Mu kivugo k'Inkomezabigwi, izina Inkomezabigwi ari ryo nteruro y'ikivugo ni na ryo zina ry'umutwe w'intore zigizwe n'intore z'intore ku rugerero nkuko Indatabigwi, interuro y'ikivugo ari na ryo zina ry'umutwe w'intore ugizwe n'abahanzi.

Ibi biratwibutsa imiterere y'ibyivugo byo mu itorero ryo mu Rwanda rwo hambere aho tubona ko ikivugo k'intore cyatangiranaga buri gihe izina ry'uwo mutwe w'intore. Tuvuge ko wenda umutwe w'intore witwa Indahangarwa, ibyivugo byose by'intore zabaga zigize uwo mutwe byagombaga guhera ku nteruro rusange Indahangarwa ari wo mutwe w'intore. Mu yandi magambo ibyivugo byose by'intore mu itorero byagombaga kugira interuro imwe.

Ikindi ni uko ari ibyivugo by'intore muri iki gihe ari n'ibyivugo by'intore zo hambere byose bigira se w'interuro. Iyi na yo ni indi mpamvu iduhamiriza ko ibyivugo by'intore muri iki gihe ari ibyivugo bihamye bifite uturango tw'ibyivugo dusanzwe tuzi mu buvanganzo nyarwanda.

Ku birebana na se w'interuro, aho ibyivugo by'intore z'ubu bitandukaniye n'ibyivugo by'intore byahimbirwaga mu itorero ryo hambere, ni uko mu byivugo by'intore z'ubu se w'interuro ari izina rimwe intore zose zigize uwo mutwe zihuriraho. Na ho mu byivugo byo hambere nyuma y'interuro y'ikivugo ke, uwivugaga yakurikizagaho se w'nteruro ashatse itandukanye n'iya mugenzi we.

Irindi tandukaniro mu byivugo byo hambere ni uko se w'interuro yashoboraga kuba izina ry'ukuri rya se w'uwivuga mu gihe kuri ubu ari izina rizingiza ry'ikitiriro ariko rigusha ku butwari. Mu ngero z'ibyivugo by'intore twatanze se w'interuro ni Inkomezamihigo mu byivugo byombi. Ariko nko muri iki kivugo cya Rwogera se w'interuro ni izina rya se ry'ukuri Yuhi IV Gahindiro nk'uko bigaragara muri iyi nkuro y'ikivugo ke.

> Ndi Rwogera rwa Gahindiro Ruterabatinyi
> Ndi Rutambukabaganwa
> Ndi umwugariro w'inkiko
> […]. (Kimenyi, A., 1990)

### 4.1.3. Uburebure bw'ibyivugo by'intore

Iyo usuzumye ibyivugo by'intore usanga birangwa no kuba bigufi nkuko ibyivugo byo hambere byitwa iningwa byari biteye. Nk'ikivugo cy'abagore kigizwe n'imikarago ine gusa nk'uko bigaragara:

> Ndi Mutimawurugo
> Ndi Nyampinga
> Ndi umugore ubereye u Rwanda
> Sinzatesha agaciro uwakanshubije. (Mutimawurugo, V7)

Ubugufi bw'iki kivugo si bwo butuma kitaba ikivugo gihamye kuko ikigira ikivugo si uko aba ari kigufi cyangwa kirekire. Ikigenderwaho ni ukureba uturango dushingiye ku miterere yacyo ndetse n'ikivugwa bisanzwe biranga ingeri y'ibyivugo mu buvanganzo nyarwanda. No hambere ibyivugo ntabwo byareshyaga. Byaba ibyivugo by'intore byahimbirwaga mu itorero ndetse n'ibyivugo by'ingabo byahimbwaga bifatiye ku butwari ingabo yagaragaje ku rugamba ntibyareshyaga.

Ikiyongera kuri ibi ni uko ibyivugo by'intore muri iki gihe bigizwe n'interuro ngufi muri rusange nk'uko tubibona mu rugero rukurikira rw'ikivugo cy'umutwe w'intore witwa Indatabigwi, ugizwe n'abahanzi.

> Ndi Indatabigwi mu Nkomezamihigo
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
> Ndi umuhanzi ubereye u Rwanda
> […]". (Indatabigwi, V12)

### 4.1.4. Ikoreshwa rya ngenga ya mbere y'ubumwe

Ibyivugo byose by'intore muri iki gihe birangwa no gukoresha ngenga ya mbere y'ubumwe nkuko bisanzwe mu byivugo. Mu rwego rw'ubwumvane nk'uko byagaragajwe na Roman Jakobson (1977) iyi yumvikanisha umumaro nyakuvuga

cyangwa nsesekazamutima byerekana ko uvuga nta wundi avuga uretse we ubwe. Uyu mumaro ni akarango k'ingenzi kerekana ko ibi bihangano ari ibyivugo koko. Inshinga zitondaguye zose zigagaragaza igikorwa uwivuga arata ziri muri ngenga ya mbere y'ubumwe. Turatanga urugero rw'ikivugo k'Imbamburiramihigo umutwe w'ntore ugizwe n'abayobozi b'amashami mu nzego z'imirimo ya Leta:

Ndi Imbamburiramihigo
Nsizanira kuba ku isonga mu kerekezo cy'u Rwanda
[…]
Ndi umutoza w'umurimo unoze
Ndi nkore neza bandebereho
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya
N'iterambere ry'Afurika. (Imbamburiramihigo, V18)

Inshinga ndi (n-ri), nsizanira (n-sizan-ir-a), nkore (n-kor-e) na nkaba (n-ka-ba-a) zose ziri muri ngenga ya mbere y'ubumwe igaragaza nyakuvuga. Ibi kandi ni ko bimeze mu byivugo by'intore byose.

### 4.1.5. Amagambo akoreshwa mu byivugo by'intore

Amagambo akoreshwa mu byivugo by'intore turayasuzuma mu byiciro bibiri ariko byuzuzanya. Turareba amagambo agize amazina y'intore n'amagambo asobanura imihigo intore zishyize imbere. Mu kiciro cy'amagambo avuga amazina y'intore na ho harimo ibice bibiri.

Igice cya mbere ni amazina yaremwe afatiye ku mazina aganisha ku butwari asanzwe amenyerewe mu byivugo byo hambere. Ayo magambo ni ibigwi n'imihigo. Amazina y'intore arenga icumi yubakiye kuri ayo magambo. Twatanga nk'ingero ku mazina y'intore zitwa Indemyabigwi, Inkerabigwi, Indatabigwi, Inkomezamihigo, Indemyamihigo, Imbonezamihigo n'andi.

Igice cya kabiri kirimo amazina y'amacurano yaremwe afatiye ku ngingo zigusha ku butwari bunyuranye bujyana n'imihigo igamijwe. Twatanga ingero nko ku

mazina akurikira: Intagamburuzwa, Indangamirwa, ingamburuzabukene, Impeshakurama n'andi.

Mu byivugo by'intore amagambo yose akoreshwa ajyana n'amatwara y'Igihugu gifite muri iki gihe. Amwe muri ayo magambo ni nka: indashyikirwa, nkore neza bandebereho, kuba ku isonga, intumwa idatenguha, kurinda ibyagezweho, ubumenyi n'ikoranabuhanga, kwagura amarembo, gusigasira umurage wa Gihanga n'andi.

Ayo magambo yose aganisha ku myitwarire igomba kuranga intore ihamagarirwa kwesa imihigo mu rugamba rwo guteza imbere Abanyarwanda barwana na rwo muri iki gihe. Ni amagambo yabugenewe agusha ku butwari n'ishyaka buri mutwe w'intore ushyize imbere.

### 4.1.6. Imiremeke y'amazina mu byivugo by'intore

Iyo dusesenguye amazina y'interuro z'ibyivugo z'imitwe y'intore dusanga hafi ya yose afite imiterere imwe. Ayo mazina ni amazina y'inyunge agizwe n'inshinga n'izina ribereye iyo nshinga icyuzuzo nk'uko tubibona mu ngero zikurikira:

Indemyabigwi: iri jambo rigizwe n'amagambo abiri ari yo inshinga kuremya n'izina ibigwi

Inkomezamihigo: iri jambo na ryo rigizwe n'amagambo abiri ari yo inshinga gukomeza n'izina imihigo

Imbonezamurage: iri na ryo riremetse nk'ayo abiri abanza rigizwe n'amagambo abiri: ari yo inshinga kuboneza n'izina umurage.

Izi ngero tumaze gutanga ziratwereka ko mu byivugo by'intore dusangamo amazina y'inyunge agizwe n'inshinga ikurikiwe n'izina ribereye icyuzuzo iyo nshinga nk'uko tubisanga mu byivugo byo hambere.

Kuri twe aya mazina turayafata nk'amazina bwite kuko aranga umuntu uzwi kandi akamutandukanya n'undi wo mu wundi mutwe w'intore na we ufite uko yitwa.

Mu byivugo makumyabiri na bitatu (23) harimo bitanu bidafite interuro zimeze nk'izo muri izo ngero tumaze gutanga. Hari bibiri bifite interuro zigizwe n'inshinga ari byo: Intagamburuzwa, V5 n'Indangamirwa, V6.

Biteye bitya:

Mu kivugo cy'Intagamburuzwa iri zina rituruka ku nshinga kugamburuzwa iri mu ndango ihakana bikaba "kutagamburuzwa" naho Indangamirwa rituruka ku nshinga kurangamira.

Hari kandi ibyivugo kimwe (1) cya Mutimawurugo, V7 gifite interuro igizwe n'urujyano rw'amazina rusange abiri ari yo "umutima" n'urugo yahujwe n'ikinyazina ngenera. Biteye bitya:

Mutimawurugo: Ndi Mutimawurugo (Mutima w'urugo).

Hari n'ikivugo kimwe (1) cy'umutwe w'intore ugizwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge kitwa Isonga, V22 gifite interuro igizwe n'izina rusange rimwe risanzwe. Interuro y'ikivugo ikaba: Ndi Isonga

Ibi bisobanuro tumaze gutanga ku misusire y'ibyivugo by'intore iratwereka neza ko ari ibyivugo bihamye bidakwiye kongera kwitiranywa n'indi ngeri yindi y'ubuvanganzo nyarwanda cyangwa se ngo byitwe igicagasanganzo (paraliterature).

### 4.1.7. Ikeshamvugo mu byivugo by'intore

#### 4.1.7.1. Injyana

Ibyivugo by'intore birangwa n'injyana ipimye isumbane.

Urugero rw'ikivugo k'Imbamburiramihigo, V18.

Ndi Imbamburiramihigo: utubangutso11
Nsizanira kuba ku isonga: utubangutso12
Mu kerekezo cy'u Rwanda: utubangutso10
Ndi Rudacogora ku rugamba: utubangutso 11
Ruharanira ineza y'Abanyarwanda: utubangutso14
Ndi umutoza w'umurimo unoze: utubangutso 12
Ndi nkore neza bandebereho: utubangutso13

Iyo usuzumye injyana yigaragaza muri iki kivugo usanga ari ipimye insumbane. Ibi kandi ni ko biteye mu byivugo byose by'intore. Muri iki kivugo bigaragara kigizwe n'imikarago ipimye insumbane. Hari igizwe n'utubangutso 11, ahandi 12 na 13 na 14. Iyi njyana ni na yo yarangaga ibyivugo byo hambere.

#### 4.1.7.2. Isubirajambo

Mu byivugo by'intore isubirajambo rygaragaza mu ntangiriro y'imikarago y'ibyivugo. Iryo subirajambo ku nshinga Ndi igenda itangira imikarago y'ibyivugo byose by'intore nkuko tubibona mu rugero rukurikira**:**

Ikivugo k'Indemyamihigo

Ndi Indemyamihigo
Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
Ndi umusemburo w'ubutore mu Banyarwanda
Ndi umutoza ubereye u Rwanda. (Indemyamihigo, V1)

Ibyivugo byose by'intore muri iki gihe ni uko byubakitse.

#### 4.1.7.3. Ihwanisha

Mu ikeshamvugo ihwanisha risa no kugereranya ku rwego rwa kabiri, aho urenga ibyo kureba icyo ikigereranywa n'ikigereranyo bihuje ahubwo ugasa n'ubihwanisha, kimwe kikaba cyafata umwanya w'ikindi cyangwa kikaba cyagihagararira (A=B). Mu byivugo by'intore ihwanisha ryigaragaza mu mikoreshereze y'inshinga Ndi. Iyi nshinga iri muri ngenga ya mbere y'ubumwe igaragaza uvuga. Iraranga nyiri ukuvuga kandi ku ruhande rumwe ikamutandukanya n'abandi batari we ariko ku rundi ruhande ikamuhuza n'abo bahuriye mu mutwe w'intore umwe. Dufate urugero rw'ikivugo cy'umutwe w'intore witwa Indemyabusugire:

> Ndi Indemyabusugire
> Ndi imbarutso y'ubukungu
> Ndi ishingiro ry'ubususuruke
> Ishema ryange ni ukumurikira rubanda
> […]. (Indemyabusugire, V14)

Muri iki kivugo uwivuga yiyita Indemyabusugire, imbarutso y'ubukungu, ishingiro ry'ubususuruke. Ni ukuvuga ko ari we Ndemyabusugire, ni we mbarutso y'ubukungu, ni we shingiro ry'ubususuruke. Mu yandi magambo uwivuga ari we Intore Ndi =Indemyabusugire= imbarutso y'ubukungu=ishingiro ry'ubususuruke.

Irisesengura tmaze gukora ritweretse ko ibyivugo by'intore bite uturango twinshi tugaragaza ko ari bihamye. Bifite imiterere yibutsa iyo mu byivugo byo hambere harimo gukoresha ngenga ya mbere y'ubumwe, kugira interuro na se w'interuro, bikarangwa kandi no gukoresha isubirajwi n'isubirajambo ndetse n'ihwanisha.

### 4.2. Isesengura ry'uruhare rw'ibyivugo by'intore mu iterambere rirambye

Iyi ngingo turayisesengura twifashishije indangagaciro indwi (7) twasanze zigaragaza cyane mu byivugo. Izo ndangagaciro ni zo zerekana mu by'ukuri

amatwara Igihugu kifuza kubakiraho iterambere ry'Abanyarwanda muri iki gihe ndetse n'ejo hazaza.

### 4.2.1. Gusigasira umurage wa Gihanga

Mu byivugo by'intore ingingo yo gusigasira umurage wa Gihanga igarukwaho cyane. Uyu murage uvugwa uri mu byiciro bibiri.

Mu kiciro cya mbere hari umurage mboneshwabwenge urimo umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo. Umuco nyarwanda ukubiyemo ubukungu bushobora kuba umusemburo w'impinduka nziza u Rwanda rwabakiraho z'iterambere rirambye.

Ni yo mpamvu mu kerekezo k'iterambere, Leta y'u Rwanda yahaye agaciro umuco n'indangagaciro zawo kugira ngo bifashe buri Munyarwanda kuzamura imyumvire n'ubushobozi bituma abasha gusesengura ibibazo byugarije umuryango nyarwanda bityo ashobore kubishakira ibisubizo.

Uku gusesengura ibibazo Umunyarwanda ahura na byo no kubishakira ibisubizo avomye mu muco we byagiye bitanga umusaruro mu nzego zitandukanye z'imibereho ye. Twatanga urugero rw'Inkiko gacaca, umuganda, itorero n'izindi. Uyu murage ni isano muzi ihuza Abanyarwanda bo muri iki gihe n'abo mu gihe kizaza kandi tugomba kuwusigasira no kuwubakiraho ibirama tugomba guhererekanya uko ibihe bigenda biha ibindi.

Iyi ndangagaciro yo gushaka ibisubizo by'ibibazo bihari kandi ku buryo burambye ihuje n'igisobanuro k'iterambere rirambye nk'uko byashyizwe ahagaragara na raporo y'Umuryango w'Abibumbye yitiriwe Gro Brundtland (1987) ivuga ko iterambere rirambye ari uburyo bw'iterambere butanga ibisubizo ku bibazo biriho icyo gihe bitabangamiye ubushobozi bw'ibisekuruza bizaza mu kuzakemura ibibazo byabo.

Uyu murage wa Gihanga ugomba gutozwa urubyiruko hakiri kare kugira ngo bawukurane bityo bizababafashe kuzakemura ibibazo bashobora kuzahura na byo mu buzima bwabo n'ubw'Igihugu. Ibi bigomba gutozwa urubyiruko binyuze mu burezi nkuko tubibona mu kivugo by'Indemyabigwi n'Inkerabigwi, imitwe y'intore igizwe n'abarezi b'u Rwanda bo mu byiciro byose.

> Ndi indemyabigwi mu Nkomezamihigo
> Ndi intagamburuzwa
> Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga
> Ndi umurezi ubereye u Rwanda
> […]. (Indemyabigwi, V2 na Intagamburuzwa, V11)

Uruhusa rwa kabiri rw'umurage rugizwe n'umurage wa Gihanga mboneshwajisho ukubiyemo ibyo tubonesha amaso. Umurage mboneshwajisho ukomeye twasigiwe n'abakurambere ni u Rwanda Igihugu cyacu n'ibikirimo bifatika bigizwe n'ubutaka n'ibidukikije. Uyu na wo ni umurage tugomba gusigasira kugira ngo dushobore kubaka iterambere rirambye kandi bikwiye gutozwa umwana akiri muto kuko icyo umwanya atojwe akiri muto gikomeza kumuyobora n'igihe amaze kuba mukuru.

Iyi ndangagaciro yo gusigasira no kurinda umurage mboneshwajisho ihuye n'ibivugwa mu kivugo k'Imbonezamurage, umutwe ugizwe n'abashinzwe umutungo kamere, ibidukikije, iteganyagihe n'imitunganyirize y'imiturire.

Baragira bati:

> Ndi Imbonezamurage mu Nkomezamihigo
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
> Mparanira gusigasira ishingiro ry'itrambere rirambye
> Nkaba ku isonga ryo kubaka u Rwanda rushya
> […]. (Imbonezamurage, V8)

Iyi ndangagaciro ihuye n'ibikubiye muri raporo y'Umuryango w'Abibumbye yo muw 1987 aho bavuga ko mu nkingi z'iterambere harimo n'ibidukikije.

Uretse gutoza no gusigasira umurage wa Gihanga ni na ngombwa no kuwurinda nkuko tubibona muri izi ngero z'ibyivugo by'Indatabigwi, umutwe ugizwe n'abahanzi.

> Ndi Indatabigwi mu Nkomezamihigo
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
> Ndi umuhanzi ubereye u Rwanda
> […]. (Indatabigwi, V12)

Ibijyanye no gusigasira umurage nk'imwe mu nkingi zo kubakiraho iterambere rirambye binajyanye n'Ikerekezo 2050 k'Igihugu cyacu aho basobanura ko U Rwanda rufata umuco n'indangagaciro byarwo nk'umusingi wo kubakiraho mu kugera ku iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu by'abaturage mu buryo burambye.

### 4. 2. 2. Ubumwe bw'Abanyarwanda

Indangagaciro y'ubumwe bw'Abanyarwanda yigaragaza mu byivugo by'intore byose. Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994 yerekanye ko ubumwe bw'Abanyarwanda bwari bwarasenyutse. Leta y'u Rwanda mu matwara yayo ya poritiki yahisemo kwihatira kugarura ubumwe mu Banyarwanda binyuze mu itorero kugira bashobore kongera kubana ari bamwe babone guharanira iterambere rirambye. U Rwanda ntirushobora kugera ku iterambere rirambye rutimakaje indangagaciro zigamije guteza imbere umuryango nyarwanda.

Mu byivugo by'intore iyi ndangagaciro yigaragaza mu buryo bubiri. Uburyo bwa mbere ni uguhuza izina ry'umutwe w'intore n'izina ry'intore zigize uwo mutwe. Tuvuge niba umutwe w'intore witwa Inkomezamihigo n'izina ry'intore zose

zigize uwo mutwe zitwa Inkomezamihigo. Ibi byerekana ko intore zose zigize uwo mutwe ari zimwe. Ikindi ni uko uretse kubarizwa mu mutwe w'intore umwe zinahuje n'izina riziranga kandi zihuriye no ku mihigo zigomba kwesa. Iki ni ikimenyetso kidashidikanywaho cy'ubumwe.

Uburyo bugaragaza ubumwe bw'Abanyarwanda mu byivugo by'intore ni uguhuza interuro y'ikivugo na se w'interuro. Nko mu kivugo k'Inkomezabigwi ugizwe n'intore ziri ku rugerero, interuro y'ikivugo ni Inkomezabigwi. Usibye kuba izi ntore zibarizwa mu mutwe umwe witwa Inkomezabigwi zinahuriye mu wundi mutwe munini witwa Inkomezamihigo nkuko tubibona muri uru rugero.

"Ndi Inkomezabigwi mu Nkomezamihigo"

Ikiyongera kuri ibi kigaragaza ubumwe mu byivugo by'intore ni uko na se w'interuro ari cyo cyuzuzo k'interuro na yo ari imwe ku Nkomezabigwi zose. Muri iki kivugo se w'interuro ni "mu Nkomezamihigo". Inkomezamihigo ni umutwe wo ku rwego rwisumbuyeho ugizwe n'intore ziyemeje gukora ibikorwa by'ubutwari. Ibi byerekana ko Inkomezabigwi zifitanye ubumwe bushingiye ku mihigo yo gukoza ibikorwa by'ubutwari. Mu yandi magambo Inkomezabigwi zishyikira mu Nkomezamihigo, bivuga ko Inkomezabigwi iri ku rwego rw'inyakirwa na Inkomezamihigo ikaba ku rwego rw'inyakira.

Aha ndetse twe tubona hongewemo n'undi mutwe mugari ugaragaza aho intore zo ku rugerero zituruka bwaba ari uburyo bwiza bwo gukomeza gushimangira indangagaciro y'ubumwe bw'Abanyarwanda.

Tuvuge ko intore ziri ku rugerero zitwa Inkomezabigwi zituruka mu Karere ka Gasabo, byaba biteye bitya: "Ndi Inkomezabigwi mu Nkomezamihigo

z'Indengabaganizi". Yaba ituruka mu Karere ka Gicumbi bikaba biteye bitya: "Ndi Inkomezabigwi mu Nkomezamihigo z'Inyemezamihigo.

Twumva ibyivugo by'intore byose biramutse byubakitse kuri ubu buryo byarushaho kumvikanisha iyi ndangagaciro y'ubumwe Igihugu kifuza kubakiraho iterambere rirambye. Iyo abantu ari bamwe ibikorwa by'iterambere birihuta kandi bikarama kuko baba badafite impungenge z'uko hagira ubisenya abaturutsemo. Iyi ndangagaciro igusha ku bivugwa mu Kerekezo cy'u Rwanda 2050 aho bavuga ko gukomeza kuba umwe ari ikintu cya ngombwa kibanziriza ibindi mu nzira y'iterambere rirambye ntawe uhejwe kandi Abanyarwanda batishishanya.

### 4.2.3. Umurimo unoze

#### 4.2.3.1. Umurimo unoze mu miyoborere myiza

Imwe mu nkingi iterambere rirambye ryubakiyeho ni imiyoborere myiza. Mu byivugo by'intore dufite ibyivugo bigaragaza iyi ndangagaciro. Ikivugo k'Imbamburiramiho kigizwe n'abayobozi b'amashami mu nzego z'imirimo ya Leta kiragira kiti:

> Ndi Imbamburiramihigo
> Nsizanira kuba ku isonga mu kerekezo cy'u Rwanda
> Ndi rudacogora ku rugamba ruharanira ineza y'Abanyarwanda
> Ndi umutoza w'umurimo unoze
> […]. (Imbamburiramihigo, V18)

Umurimo unoze bijyana no kudateshuka ku nshingano no kuba intangarugero. Ni byo Ikivugo cy'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bavuga mu bigwi byabo bagira bati:

Ndi Isonga
Ndi mudatenguha aku nshingano
Ndi nkore neza bandebereho
Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
[…]. (Isonga, V22)

Iyi ndangagaciro yo gukora umurimo unoze no kudatenguha Isonga babihuriyeho n'Imbonezamihigo umutwe w'intore ugizwe n'abayobozi b'inzego z'ibanze. Mu kivugo cyabo na bo bagira bati :

Ndi Imbonezamihigo
Ndi intumwa idatenguha
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya
[…]. (Imbonezamihigo, V15)

Umurimo unoze ujyana no kudakorera ijisho cyangwa gusigana. Ibi bigaragarira mu kivugo cy'umutwe w'Inkeramihigo ugizwe n'imiryango itari iya Leta aho kigira kiti :

Ndi Inkeramihigo
Ndi ingabo nziza mu Nkomezamihigo
Nkorera u Rwanda ntawe nsiganya
[…]. (Inkeramihigo, V17)

Iyi ndangagaciro y'imiyoborere myiza inahuje kandi n'intego ya 16 mu ntego z'iterambere rirambye (SDGs) aho bavuga ku kubaka inzego z'imiyoborere zitajegajega (Strong institutions).

Abayobozi ni bo bashinzwe kureberera abaturage babafasha gushyira mu bikorwa gahunda zose zihutisha iterambere ryabo. Bagomba gutoza abo bayobora gukora umurimo unoze, kwigira no kwihesha agaciro aho gutegereza ak'imuhana kaza imvura ihise. Umuyobozi mwiza ni usohoza ubutumwa yahawe ntateshuke ku nshingano.

Imiyoborere myiza u Rwanda rushyize imbere muri iki gihe, ni imwe mu nkingi mwikorezi y'iterambere rirambye. Imiyoborere myiza ni yo yunganira inkingi iterambere ripimirwaho muri iki gihe ari zo: ubukungu, imbereho myiza n'ibidukikije. Imiyoborere myiza ifasha mu gutegura no gushyira mu bikorwa poritiki na gahunda zinoze z'iterambere rirambye.

Ibi binahuje n'ibisobanurwa mu nkingi ya 5 y'Ikerekezo 2050 aho bavuga ko inzego n'imiyoborere by'u Rwanda bigomba kugendana n'impinduka zigenda zibaho, bikarangwa no guhanga udushya, inzego za Leta zishoboye ndetse zikora neza. Ni byo bizatuma u Rwanda rwinjira mu kiciro k'iterambere ry'igihe kirekire aho Igihugu kizaba kigamije gusigasira ibyagezweho no gukomeza gukora amavugurura ahoza umuturage ku isonga.

#### 4.2.3.2. Umurimo unoze mu kubungabunga ubuzima

Iyi ndangagaciro ihuye n'intego ya 3 mu ntego z'iterambere rirambye (SDGs) ivuga ku guharanira ubuzima bwiza n'imibereho myiza ndetse inagusha kuri imwe mu nkingi iterambere rirambye ryubakiyeho ari yo imibereho myiza. Mu byivugo by'intore iyi ngingo igaragara mu kivugo k'Impeshakurama, umutwe ugizwe n'abakora mu rwego rw'ubuzima aho bagira bati :

> Ndi Impeshakurama
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
> Ndi imbangukiragutabara
> Mparanira ubuzima buzira umuze
> […]. (Impeshakurama, V9)

Nta terambere ryashoboka Abanyarwanda badafite ubuzima bwiza kuko ari byo bituma bakora bagmije imibereho myiza.

#### 4.2.3.3. Umurimo unoze mu butabera

Iyi ndangagaciro ni imwe mu nkingi mwikorezi zo kubakiraho iterambere rirambye kuko u Rwanda ntirwatera imbere rwubakiye ku macakubiri yaba ashingiye ku moko, ku turere n'ibindi. Kimwe rero mu bigomba kuranga iterambere rirambye ry'u Rwanda ni uko Umunyarwanda azaba afite ibintu byose bituma buri wese abaho atuje birimo n'ubutabera buboneye. U Rwanda ntirwatera imbere hatabayeho kwimakaza umuco wo kudahana no kurandura akarengane ako ari ko kose, abantu bakareshya imbere y'amategeko. Ikivugo cy'umutwe w'intore witwa Iz'i Mutakara, ugizwe n'abakora mu butabera urabiduhamiriza aho bagira bati :

> Ndi iy'i Mutakara mu Nkomezamihigo
> Ndi umurinzi w'ituze n'ubusugire bw'Abanyarwanda
> Nimakaza ubutabera bushingiye ku murage wa Gihanga
> […]. (Iz'i Mutakara, V23)

Izina ry'uyu mutwe w'intore riratwibutsa imvugo igira ngo "Rwaciriwe i Mutakara" bisobanura ngo urubanza rwaciwe ku buryo budasubirwaho kandi mu bushishozi bukwiye.

Iyi ndangagaciro ihuje n'intego ya 16 mu ntego z'iterambere rirambye aho bavuga ku mahoro, ubutabera no kugira inzego zikomeye (Peace, justice and strong institutions). Binahuje kandi n'ibivugwa mu kerekezo 2050 ko u Rwanda rugomba kuba ari Igihugu kigendera ku mategeko kuri bose.

### 4.2.4. Uburinganire n'ubwuzuzanye

Indangagaciro y'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore nk'uko izwi muri iki gihe ni nshyashya ntabwo yari isanzwe mu Banyarwanda.

Nkuko tubizi, kera cyaraziraga kikaziririzwa ko umugore yivuga ariko muri iki gihe umugore yivuga ibigwi.

Umunyarwandakazi abarirwa mu mutwe w'intore witwa "Mutimawurugo". Ikivugo cyabo kigira kiti:

> Ndi Mutimawurugo
> Ndi Nyampinga,
> Ndi umugore ubereye u Rwanda
> Sinzatesha agaciro uwakansubije (Mutimawurugo, V7)

Iyi ndangagaciro ihuje n'intego ya 5 mu ntego z'iterambere rirambye ivuga ko kugira iterambere rirambye rishoboke ibyiciro byose by'abaturage bigomba kwitabwaho cyane cyane abafatwa ko bafite intege nk'abagore (Gender equality).

Muri iki gihe ibihe umugore ntaho ahezwa mu nzego zose z'ubuzima bw'iki Gihugu (mu buhinzi, mu bucuruzi, mu myuga, mu bukorikori, mu bumenyi n'ikoranabuhanga, mu kurinda umutekano, mu buyobozi n'ibindi). Mu buyobozi bw'Igihugu cyacu tuzi neza ko ihame rya 30% ryubahirizwa mu nzego zose z'imiyoborere kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku nzego zo hejuru zifata ibyemezo. Ndetse mu nzego zimwe na zimwe nko mu Nteko Ishinga amategeko icyo gipimo kiri hejuru ya 30%.

Ibi kandi ntibikuraho ihame rikuru risanzwe mu muco wacu rivuga ngo "Ukurusha umugore akurusha urugo". Ibi bishingira ko mu Gihugu cyacu Abanyarwanda bemera ko mu muryango, buri wese afite inshingano agomba kubahiriza kandi bose bafite uburenganzira bungana mu mibereho yabo ya buri munsi. Ni yo mpamvu ikivugo ke ari "Mutimawurugo"

Hari abavuga ko uhereye ku bugufi bw'iki kivugo cy'umugore, bikigaragaza ko Umunyarwandakazi atahawe umwanya uhagije wo kuvuga ibigwi birambuye ashyize imbere nkuko bimeze ku bagabo. Hari n'abavuga ndetse nta ko nta kivugo kirimo ko n'ubundi ari ukumupfobya. Ibi nyamara si ko twe tubibona. Kuba umugore ntaho agihezwa muri iki gihe bituma agira uburenganzira bwo kwivuga ibyivugo byose by'imitwe y'intore aho yisanga hose mu nzego z'imirimo mu Rwanda.

Niba ari umwarimu azivuga ikivugo k'Indemyabigwi umutwe ugizwe n'abarezi b'u Rwanda. Naba ari umuganga yivuge ik'Impeshakurama, niba ari umunyeshuri wiga hanze azivuga ikivugo k'Indangamirwa, umutwe w'intore ugizwe n'abanyeshuri biga hanze, niba ari umuyobozi mu nzego z'ibanze yivuge ikivugo k'Imbonezamihigo, k'Isonga, cy'Abashingwangerero n'ibindi.

Ibiramambu ahubwo, mu byivugo by'intore umugore ni we ufite ibyivugo byinshi yakwivugamo ibigwi. Iterambere rero ntirigomba guheza umugore kuko nawe afite umwanya ugaragara mu kubaka Igihugu. Abanyarwanda baravuga ngo "Umugore ni umutima w'urugo". Uyu mugani utwereka ko mu muco w'Abanyarwanda mu majyambere arambye utagomba gusiga inyuma ihame ry'uburinganire. Hagomba kuzirikanwa buri gihe ko abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, bafite bose uburenganzira bungana n'amahirwe angana kabone n'ubwo bakenera ibintu bitandukanye bijyana n'imiterere yabo bombi.

Abagore n'abagabo uruhare rukomeye mu mpinduramatwara iganisha ku majyambere U Rwanda rwifuza. Iterambere rirambye ntiryashoboka hashyizwe imbere igice kimwe cy'abagize urubumbambaga. Umunyarwandakazi afite ibigwi byinshi yakwirata imbere ya bagenzi be b'abagabo babana mu isibo. Yabahigira

nk'umubyeyi wubahiriza inshingano ze, yavuga nk'umuyobozi mu nzego zinyuranye, yavuga nk'umukozi muri servisi zitandukanye n'ibindi.

Uku kudahezwa no guhabwa agaciro mu nzego zose z'ubuzima bw'urubumbambaga bimutera ishema bityo bigatuma ibyo akora abikorana ubwitange yumva ko afite uruhare rukomeye mu kubaka iterambere ry'Igihugu ke. Iyi ndangagaciro ihuye n'intego ya 5 mu ntego z'iterambere rirambye ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye (gender equality).

Ikiyongera kuri kigaragaza ubumwe mu byivugo by'intore ni uko na se w'interuro ari cyo cyuzuzo k'interuro na yo ari imwe ku Nkomezabigwi zose. Muri iki kivugo se w'interuro ni "mu Nkomezamihigo". Inkomezamihigo ni umutwe wo ku rwego rwisumbuyeho ugizwe n'intore ziyemeje gukora ibikorwa by'ubutwari. Ibi byerekana ko Inkomezabigwi zifitanye ubumwe bushingiye ku mihigo yo gukoza ibikorwa by'ubutwari. Mu yandi magambo Inkomezabigwi zishyikira mu Nkomezamihigo, bivuga ko Inkomezabigwi iri ku rwego rw'inyakirwa na Inkomezamihigo ikaba ku rwego rw'inyakira.

### 4.2.5 Ubukungu no kubungabunga ibidukikije

Nkuko twigeze kubikomozaho mbere ibidukikije biri mu murage mboneshwajisho twasigiwe n'abakurambere kandi tugomba gusigasira. Tugomba kubibungabunga kugira ngo bidufashe gukemura ibibazo by'imibereho yacu muri iki gihe. Tugomba kubibyaza umusaruro tukabyungura tutabihungabanya tukazabishyikiriza abadukomokaho tutabyononnye bityo bikazabafasha gukemura ibibazo by'imibereho mu gihe cyabo.

Mu bidukikije ni ho twubaka inganda, amazu meza yo kubamo arimo imiturirwa yo guturamo cyangwa gukoreramo abantu bareba bagatangarira ubwenge bwa

muntu. Ni ho dukora imihanda n'ibibuga by'indege bidufasha guhahirana imbere mu gihugu no guhahirana n'amahanga. Ni ho turimbisha mu buryo bunyuranye tukahahindura ahantu nyaburanga abantu basura hakinjiriza amafaranga arimo n'amadovize.

U Rwanda rero muri gahunda yarwo y'iterambere mu by'ubukungu ntirwirengagije ingingo ijyana no kurengera ibidukikije. Imihigo ishyizwe imbere ni ugusigasira ibidukikije nk'ishingiro ry'iterambere rirambye igusha ku nkingi iterambere rirambye rishingiyeho ari zo ubukungu imibereho myiza n'ibidukikije nkuko bivugwa muri raporo yitiriwe Gro Brundtland twavuze.

Mu byivugo by'intore, Imbonezamurage, umutwe ugizwe n'abashinzwe umutungo kamere, ibidukikije, iteganyagihe n'imitunganyirize y'imiturire, barabiduhamiriza aho mu kivugo cyabo bagira bati:

> Ndi Imbonezamurage mu Nkomezamihigo
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
> Mparanira gusigasira ishingiro ry'iterambere
> Nkaba ku isonga kubaka u Rwanda rushya
> […]. (Imbonezamurage, V8)

Ishyaka bashyize imbere mu mihigo yabo ni ukuba umurinzi w'umurage wa Gihanga tumaze kuvuga baharanira kuwusigasira kuko ari ishingiro ry'iterambere nkuko tumaze kubisobanura. Ibi bihuje n'intego ya 6, ivuga ibyereye amazi meza n'isukura (Clean water and sanitation), iya 13 ivuga ku bikorwa bihungabanya ibidukikije bikaba byatuma haba imihindagurikire y'ikirere (climate action) iya 15 ivuga ku kwita ku butaka (Life on land) mu ntego z'iterambere rirambye.

Iyi ndangagaciro Imbonezamurage ziyihuriyeho n'Ingamburuzabukene, umutwe w'intore ugizwe n'abakora mu by'ubuhinzi n'ubworozi. Ishyaka bashyize imbere

ni ukuba umurinzi w'umurage wa Gihanga bakawusigasira bazana impindumatwara mu buhinzi n'ubworozi. Ikivugo cyabo kibyemeza kigira kiti:

> Ndi Ingamburuzabukene itiganda
> Ndi isonga mu mpinduramatwra y'ubuhinzi n'ubworozi
> Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga.
> Ndi umurinzi w'ibyagezweho
> […]. (Ingamburuzabukene, V20)

Impinduramatwara igaragazwa n'ibikorwa by'ingenzi birimo kuvugurura no guhindura uburyo bw'imihingire ndetse aho bishoboka hakitabazwa ubushobozi bushya bijyanye n'aho ibihe bigeze birimo guhingira ku gihe, guhuza ubutaka, gukoresha imashini zihinga, izuhira n'ibindi.

Ibi birajyana kandi no gukoresha inyongeramusaruro, gutera imbuto z'indobanure, kurwanya isuri, gushinga inganda zitunganya ibikomoka ku musaruro w'ubuhinzi n'ubworozi. Iyi mihigo ikubiye mu byivugo by'izi ntore ifite uruhare runini mu guteza imbere ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi. Umunyarwanda agomba guharanira kugira umusaruro usumbye uwo yagize mu gihe cyashize akarenga urwego rwo guhingira inda ye ahubwo agahinga agamije isoko. Ibi byatuma buri gihe haba ishyaka ryo kongera umusaruro uko umwaka utashye.

Iyi mihigo y'Ingamburuzabukene ijyana n'intego ya 1 mu ntego z'iterambere rirambye ivuga ku bijyanye no kurandura ubukene (No poverty). Inahuje kandi n'intego ya 2 mu ntego z'iterambere rirambye ivuga ku kurandura inzara (No hunger).

Binahuje kandi n'ibiteganywa mu nkingi ya gatanu y'ikerekezo 2050 ari yo ubuhinzi bubyara ubukire. Bavuga ko urwego rw'ubuhinzi rufite kandi

ruzakomeza kugira uruhare rw'ibanze mu izamuka ry'ubukungu no kugabanya ubukene kubera ko rutanga ibiribwa bikenerwa n'Abaturarwanda rukazamura imirire myiza, rukanagira uruhare ku musaruro woherezwa mu mahanga.

Ku birebana n'iterambere ry'ubukungu abahanga mu by'iterambere bavuga ko imizamukire y'ubukungu igomba gushingira ku kigero cy'ubwiyongere bw'umusaruro mbumbe w'igihugu, ikigero cyo kunoza gahunda zo gukurura ishoramari mu gihugu, n'impuzandengo y'umusaruro w'umuturage ku mwaka n'urwego rw'iyubakamigi igihugu kigezeho. Ibi kugira ngo bishoboke hakenewe imbarutso y'ubukungu nkuko ikivugo k'Indemyabusugire, umutwe ugizwe n'abakozi ba REG kibivuga.

> Ndi Indemyabusugire bw'u Rwanda
> Ndi imbarutso y'ubukungu
> Ndi ishingiro ry'ubususuruke
> Ishema ryange ni ukumurikira rubanda
> […]. (Indemyabusugire, V14)

Amashanyarazi afite uruhare runini mu iterambere ry'u Rwanda akaba ari yo mpamvu agenda akwirakwizwa hirya no hino. Akenewe mu nganda, muri servisi zitandukanye mu nzego za Leta, mu nzego z'abikorera, mu burezi n'ahandi.

Muri iki gihe amashanyarazi arimo gufasha Abanyarwanda mu guhanga indi mirimo mu giturage idashingiye ku buhinzi nk'imirimo y'ubukorikori, ubukanishi, gusudira, kogosha n'ibindi. Ishingwa ry'inganda, iyubakwa ry'amazu n'ikorwa ry'imihanda bigomba gukorwa mu buryo butangiza cyangwa bubangamiye ibidukikije nkuko intero y'iterambere rirambye ibivuga.

Iterambere ry'ubukungu rigomba gufasha mu mitunganyirize y'ubuzima bw'umuturage mu nzego zose. Rigomba kumufasha mu guteza imbere uburyo

bushya bw'imitekerereze imuganisha ku mibereho myiza, ku muco wivugurura, uburezi buboneye n'ibindi byose bituma abaho neza kurushaho.

#### 4.2.6. Ubumenyi n'ikoranabuhanga

Abahanga mu mateka y'isi bemeza ko udashobora kuvuga iterambere rirambye wirengagije ubumenyi n'ikoranabuhanga. Iyi ndangagaciro igomba gusakara mu Banyarwanda bose uhereye mu rubyiruko. Mu byivugo by'intore dufite intore z'Inkomezamihigo zigizwe n'urubyiruko rw'u Rwanda muri rusange, Intagamburuzwa zigizwe n'Abanyeshuri biga mu mashuri makuru na Kaminuza, Urunana rw'Urungano bagizwe n'urubyiruko rwahuye n'ibibazo binyuranye muri Jenoside. Aba bose ni urubyiruko kandi bashyize imbere ibigwi byo kuba indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga.

Ni ngombwa kugera ku ikoranabuhanga rifasha Umunyarwanda kwihutisha iterambere mu buhahirane, mu bucuruzi, mu buzima, mu bukungu, mu buhinzi, mu burezi no mu zindi nzego z'ubuzima bw'igihugu zishingirwaho mu iterambere rirambye. Ubumenyi n'ikoranabuhanga bigomba gufasha Umunyarwanda guhindura imikorere n'imikoranire bishaje akinjira mu isi y'imyumvire mishya ituma ibyo akora bigira isumbwe mu bwiza no bwinshi kandi bikamuhesha ishema mu ruhando mpuzamahanga.

Bigomba gufasha Umunyarwanda kubona ibyangombwa nkenerwa bimufasha koroshya ubuzima, kuvumbura ibindi bishya, guhindura isi imukikije akoresheje ubwenge, ubumenyi n'ikoranabuhanga bituma abaho neza kurushaho. Tuzi twese akamaro ka za terefoni zimaze kuba gikwira mu cyaro na servisi z'Irembo zimaze kugera henshi mu Rwanda. Umuturage uhimba ikivugo arata ibyo

ikoranabuhanga rimaze kumugezaho atera abo mu Mudugudu we akanyabugabo ko gutinyuka no kwitabira gukoresha ikoranabuhanga.

Inkomezamihigo, Intagamburuzwa n'Urunana rw'Urungano bahamagariwe bose kuba indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga no kuba umurinzi w'ibyagezweho bakubaka ibirama ejo batasubira inyuma ngo basenye nkuko ikivugo cyabo kibihamya:

> Ndi Inkomezamihigo
> Ndi indahyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga
> Ndi umurinzi w'ibyagezweho".
> […] (Inkomezamihigo, V3; Intagamburuzwa, V5; Urunana rw'Urungano, V16).

Urubyiruko rufite imbaraga, rwumva vuba kandi iyo rumaze kumva rushyira mu bikorwa byihuse. Mu kubaka iterambere rirambye, u Rwanda rushishikajwe cyane no gutoza urubyiruko umuco w'ubutore n'ishyaka ry'u Rwanda binyuze mu itorero. Ibi bizatuma rutazongera gukoreshwa mu gusenya Igihugu nkuko byabaye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Iyi ndangagaciro ihuye n'intego ya 9 yo mu ntego z'iterambere rirambye (SDGs) ivuga ku bijyanye n'inganda no guhanga udushya (Industry and innovation) ndetse n'intego ya 10 ivuga ku iterambere ridaheza ngo rigire ikiciro ryirengagiza (Reduce inequalities).

#### 4.2.7. Kuranga u Rwanda no kwagura amarembo

U Rwanda ni Igihugu gifite umugabane kibarizwaho kimwe n'ibindi bihugu. Ntabwo ari akarwa kigunze konyine ahatagira ikinjira n'igisohoka. Isi yabaye umudugudu. Gutera imbere k'u Rwanda kujyana byanga bikunda n'iterambere by'ibihugu bibarizwa mu mugabane umwe. U Rwanda kandi rugomba guhahirana no kubana neza n'ibindi bihugu byaba ibyo muri Afurika ndetse n'ibyo ku yindi

migabane y'isi. Uku kwagura amarembo kugaragarira mu by'ubucuruzi n'ubukungu, mu by'umuco, mu bumenyi n'ikoranabuhanga n'ibindi. Turi mu isi ya mpa nguhe.

Mu mihigo y'Indangamirwa, umutwe w'intore ugizwe n'abanyeshuri biga hanze, babivuga ku buryo bweruye aho bagira bati:

> Ndi Indanganirwa mu Nkomezamihigo
>
> Ndi umuranga w'u Rwanda
>
> Nkaba ku isonga mu kurushakira imbuto n'amaboko.
>
> […]. (Indangamirwa, V6)

Aba banyeshuri bajya guhaha ubumenyi n'ikoranabuhanga mu nzego zitandukanye z'imibereho bakaza bungura u Rwanda.

N'ikivugo k'Imparirwakurusha, umutwe ugizwe n'abakora siporo na ho bagusha ku gushakira u Rwanda amaboko.

> Ndi Imparirwakurusha
> Ndi rutaganira mu mahina
> Ndi umukinnyi ubereye u Rwanda
> Nkaba ku isomga mu kurushakira imbuto n'amaboko
> […].    (Imparirwakurusha, V19).

Ntabwo u Rwanda rukijya mu mahanga rugabyeyo ibitero byo kurwagura. Muri iki gihe u Rwanda ruraharanira kwigira no kwihesha agaciro mu ruhando mpuzamahanga nkuko ikivugo cy'umutwe w'intore witwa Urunana rw'urungano ugizwe n'urubyiruko kibihamya.

Ndi Inkomezamihigo
Ndi Indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga
Ndi umurinzi w'ibyagezweho
Mparanira kwigira no kwihesha agaciro.
[…]. (Urunana rw'Urungano, V16)

Muri iki gihe hari byinshi abanyamahanga baza kutwigiraho bijyana n'umwihariko w'Abanyarwanda wo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo. Usibye n'ibi tuzi ko Nyakubahwa Perezida wa Repuburika atumirwa inshuro nyinshi kujya gusangiza ibindi bihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga ubunaribonye u Rwanda rufite mu kwivana mu bibazo by'inzitane. Tuzi kandi umusanzu ukomeye Abanyarwanda batanga mu kubungabunga umutekano ku rwego mpuzamahanga.

Uku kwagura amarembo no gushakira u Rwanda amaboko ni imwe mu ngamba Leta y'u Rwanda ikomeyeho mu kubaka iterambere rirambye. U Rwanda rufitanye umubano mwiza n'ibihugu byinshi n'imiryango mpuzamahanga. Iyi ndangagaciro yubakiye ku nkingi ya 5 mu ntego z'iterambere rirambye (SDGs) ivuga ku mahoro n'ubufatanye (Peace and partnership).

### 4.3. Gusigasira ibyivugo by'intore mu kubaka iterambere rirambye

#### 4.3.1. Ibyivugo by'intore mu mashuri abanza

Kugira ngo indangagaciro zo kubakiraho iterambere zikubiye mu byivugo zishobore gusakara no kubakirwaho koko iterambere rirambye ni ngombwa ko zigishwa mu mashuri ndetse no mu muryango.

Duhereye ku kivugo cyahimbwe n'umwana wo mashuri abanza mu wa 1999 nk'uko tubibona kwa Kayumba (2009), biragaragara ko umunyeshuri yahimba ikivugo ahereye ku nsanganyamatsiko zirebana n'ubuzima bwe bwa buri munsi.

Nko muri icyo kivugo uwo mwana arirata kuba indakemwa mu mibanire ye na bagenzi be ndetse no kugira umwete mu mirimo akora

Ndi Rudatinda kubaduka
Igitondo gitangaje
Rwa mugabo w'imbaraga
Ndi umuhungu w'ingirakamaro
Abandi bana barankunda
Kuko ntasiba kubashimisha
Simbabehye igihe turi kumwe
Simbashore mu bidakwiye
Nsanzwe kandi ngira n'ubuntu
Nkagira umwete iyo ndi iwacu
Ngakora imiromo ntayinuba
[…]. (Kayumba, 2009: 179)

Muri iki gihe mu ishuri tubona hari uburyo bubiri bushoboka umwarimu yafasha umunyeshuri guhimba ikivugo ke bityo akagenda yicengezamo buhorobuhoro indangagaciro kirimo kubakiraho iterambere muri iki gihe.

Iyo usuzumye ibikubiye mu nteganyanyigisho y'amashuri (Curriculum 2016) haba mu mashuri abanza ndetse n'ayisumbuye usanga intego nyamukuru zayo ari ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Mu miterere kandi ya buri mutwe bagaragaza ibyigwa ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri.

Turafata urugero rw'umutwe wa kabiri aho ibyigwa bishingiye ku ngingo zerekeye isuku yo ku mubiri, isuku y'amazuru, iy'amenyo n'iy'amatwi, isuku y'ibikoresho byo mu rugo, isuku y'ibiribwa, isuku y'ibinyobwa n'isuku y'imyambaro. Duhereye kuri izi ngingo umwana ashobora guhimba ikivugo kigufi yirata kugira nkuko bigaragara mu rugero rukurikira;

Ndi umwana mwiza ngira isuku
Mpora nkeye ku mubiri
Singira amaga kirazira
Mpora nsa neza ku myambaro
Imyenda yange ihorana isuku
Sinrya ntakarabye kirazira
Abo twigana ndabahiga
Ku isuku ndi rudasumbwa

Umwana ashoboye kwihimbira ikivugo nk'iki akajya akivuga kenshi imbere ya bagenzi be nta shiti ko indangagaciro y'isuku yayigira iye mu byo akora byose Kuko atabeshya imbere ya bagenzi be kandi bamuzi yahora aharanira kuba indahyikirwa mu kugira isuku muri byose n'aho ari hose haba ku ishuri ndetse n'imuhira.

Ku birebana n'ubumenyi ngiro, abanyeshuri basabwa gushyira mu bikorwa ibijyanye n'ibyo yize bijyana n'isuku. Na ho mu bikorwa by'umunyeshuri harimo ibisaba umwana kuvuga no kubwira abandi ibyo yumvise cyangwa atekereza ahereye ku ngingo y'isuku yize.

Duhereye kuri ibi tumaze kuvuga, umwarimu yafasha abanyeshuri mu matsinda yabo, guhimba utwivugo tugufi turi ku kigero cyabo, tujyanye n'isuku. Utu twivugo kandi bajya badusubiramo muri gahunda yagenewe itorero mu kigo. Ibi kandi byakorwa ku mitwe yose yigishwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, turafata urugero rwo mu mwaka wa kane umutwe wa kabiri bavuga ku ngingo y'iterambere. Muri uyu mwaka wa kane ni ho abana batangira kwiga ibyivugo. Mu byigwa hateganijwe ibyivugo

by'amahomvu. Naho mu bikorwa by'umunyeshuri hateganyjiwe guhimba ibyivugo by'amahomvu no kubyivuga.

Kuri iyi ngingo twumva nta mpamvu yo gukomeza kwiga ibyivugo byitwa iby'amahomvu gusa kandi byashoboka ko abana bakwigishwa guhimba ibyivugo bikubiyemo indangagaciro zafasha umwana mu myitwarire ye n'imibereho bya buri munsi nkuko twabyerekanye mu ngero tumaze gutanga.

Ibi byakongerwaho gufasha abanyeshuri mu matsinda yabo guhimba ibyivugo bijyanye n'ingingo zigusha ku iterambere zivugwa mu kigwa. Izo ni: kwigira, ubwikorezi n'itumanaho, imyubakire n'ubuziranenge bw'ibyo duhaha. Umwarimu yahimba ibyivugo bye birebana n'iterambere akaba ari byo ashingiraho isomo rye akabona gufasha abana guhimba ibyabo. Ibi kandi byakorwa ku mitwe yose igomba kwigishwa mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza. Dore urugero rushobka rw'ikivugo ku iterambere.

Nkunda gukora umurimo unoze
Haba mu rugo no ku ishuri
Mparanira iteka kuba imbere
Nkora imirimo inteza imbere
Nateye ibiti by'avoka
Narejeje ndagurisha
Mbona amafaranga ndikenura
Iri na ryo ni iterambere
Nzakomeza kuba kuba indashyikirwa

Uretse ubu buryo bwo guhimba bashingiye ku byigwa mu ishuri bakanabikorera mu ishuri, muri ghunda y'itorero yagenewe igihe mu mashuri, usanga baba bafite insanganyamatsiko bagenderaho ya buri kwezi kandi buri shuri rikaba rifite ikivugo kiriranga abanyeshuri bose bahuriyeho.

Nyamara nta bwo buri munyeshuri afite ikivugo ke yihariye kimuranga mu bandi banyeshuri. Muri iyi gahunda y'itorero, abarimu bashyira abanyeshuri mu masibo matomato bakababaha insanganyamatsiko zijyanye n'imitwe y'ibyigwa muri buri shuri bakababafasha kuyihimbaho ibyivugo. Ibyo birangiye bahurira mu isibo ryabo rinini maze buri tsinda rikamurikira abandi ibyo byivugo byabo. Umwarimu kandi yanasaba abanyeshuri guhimba ibyivugo bijyanye n'ibikorwa birebana n'ubuzima bwabo bwa buri munsi.

Umwarimu yajya atoranya ibyivugo abona ko bihimbitse neza kandi bigusha ku nsaganyamatsiko y'umunsi maze akabyegeranya bikazanozwa bikaba byakwigishwa hamwe n'ibyivugo by'amahomvu.

Uko umunyeshuri akomeza kugenda yivuga ikivugo ke kijyanye n'ibyo yiga mu ishuri cyangwa se akaora imuhira bigenda bimwubakamo indangagaciro zikubiye muri ibyo byivuga yihimbira cyangwa ahimba afashijwe na mwarimu.

### 4.3.2. Ibyivugo by'intore mu mashuri yisumbuye

Abana bo mu mashuri yisumbuye baba bamaze kujijuka. Babarirwa mu ngamba y'intore yitwa Indirira kandi bashobora kwihimbira ikivugo ku buryo bworoshye.

Imiterere y'imitwe y'ibigomba kwigwa mu mashuri yisumbuye isa n'iyigwa mu mashuri abanza ndetse usanga ingingo nyinshi babonye mu mashuri abanza zigenda zigaruka. Ibi bituma abanyeshuri bagenda barushaho gusobanukirwa n'ibyitwa "ingingo nsanganayamasomo". Muri izi ngingo nsanganyamasomo ni ho hagaragaramo indangagaciro zikwiye gusigasirwa zikigishwa mu mashuri nk'uko biteganywa na Minisireri y'Uburezi.

Mu ishuri usanga abarimu benshi batabona neza aho izi ngingo nsanganyamasomo zihabwa umwanya mu isomo. Ubundi ingingo umwarimu

yateguye agomba kuganirizaho abana ijyana n'umutwe wa buri somo, yakagombye kuyibaha igihe atanga n'inshamake y'ibyo yigishije uwo munsi. Aha rero ku bana bakuru biroroshye ko mu mukoro umwarimu yatanga yasaba abana guhimba ikivugo kijyanye n'ingingo baganiriyeho mu isomo. Iyi gahunda kandi yo guhimba ibyivugo bijyanye n'insanganyamatsiko zitandukanye zigwaho yakomeza no muri gahunda y'itorero ku ishuri nkuko twabivuze ku mashuri abanza.

Ibi bishoboye kwitabwaho uko bikwiye nta kabuza ko abana bakwicengezamo inganzo y'ibyivugo n'indangagaciro zikubiyemo hakiri kare.

### 4.3.3. Ibyivugo by'intore mu muryango

Muri iki gihe ababyeyi bafite uburyo bakwirata ibigwi imbere y'abandi. Ibi byakorwa binyuze muri gahunda yo guhiga no kwesa imihigo ibera mu masibo mu Mudugudu. Buri muryango ugira ikaye wandikamo imihigo wifuza kwesa mu ntangiriro za buri mwaka. Uretse kubyandika mu ikayi y'imihigo gusa, banahimbiraho ikivugo kijyanye n'ibyo bahigiye kuzakora bakakivugira imbere y'inteko y'abaturage babana mu isibo. Mu gihe cyo kwesa imihigo nanone yagaruka imbere ya bagenzi be babarizwa mu isibo imwe akabaratira ibyo yagezeho mu kivugo kigaragaza ibigwi bye.

Twumva kandi byaba byiza n'abana bamaze guca akenge bashobora babatoza na bo guhiga no kwesa imihigo. Abana bagiye babikorera imbere y'ababyeyi babo n'abo bava inda imwe, inganzo y'ibyivugo yakongera kwamamara kandi wa mwana akagenda yiyubakamo indangagaciro na kirazira hakiri kare.

Ibi byatuma buri wese mu muryango no mu isibo abarizwamo aharanira kuba indashyikirwa bikanacengeza mu batuye Umudugudu ishyaka ryo guhiga no guhiganwa.
Tuvuge nk'Umunyarwanda waremeye undi mu Mudugudu akamufasha kuva mu kiciro cy'ubukene yarimo akamuzamura mu kindi kiciro ni ibigwi bikomeye akwiriye kuratira abandi. Uwabaye uwa mbere mu gutangira umuryango we amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza cyangwa akagira abakene atangirira, aba afite ibigwi yarata imbere y'abo bana mu isibo.
Umuhinzi mworozi afite ibigwi yaratira abo mu isibo ye nko: kuba uwa mbere mu gufata ubutaka neza, guhiga abandi ku musaruro w'ubuhinzi cyangwa w'ubworozi n'ibindi.
Ibi byatera ishyaka abandi maze na bo bagaharanira guhindura imyumvire no kunoza imikorere ibaganisha ku iterambere. Umuturage witeje imbere ateza imbere umuryango bityo n'Igihugu cyose kigatera imbere.
Ibi bishoboye gushyirwa mu bikorwa, umuco wo kwivuga ibigwi bishingiye ku kuri ku ibikorwa bigaragara wakongera kugaruka no gukomera mu Banyarwanda. Uyu muco ababyeyi bamaze kuwugira uwabo no kuwutoza abana babyaye byakoroha cyane.

Muri iki gihe ntibikwiriye ko abana b'Abanyarwanda bigishwa ibyivugo byo ku rugamba rwo hambere byiganjemo ubwicanyi. Mu muryango, bakwiye gutozwa hakiri kare indangagaciro zibategurira kuzaba abantu bazigirira akamaro bakakagirira umuryango n'Igihugu. Ibi kandi byashoboka cyane binyuze mu byivugo mu muryango.

Iyo tuvuze umuryango twumva ihuriro ry'abantu benshi baba basangiye isano cyangwa ntaho bahuriye, bahurira ku gikorwa kimwe bafitemo inyungu. Ni yo

mpamvu mu miterere y'umuryango w'Abanyarwanda usanga umwana yararerwaga n'abantu batandukanye barimo ababyeyi, abavandimwe ba hafi cyangwa aba kure, abaturanyi, urungano, inshuti ndetse n'abandi bantu bagenda mu muryango. Abana bakiri bato bigira ku ngero z'abakuriye ndetse n'abo bangana.

Ibyo bareba abandi bakora ni byo bigana. Iyo ari byiza bibubakamo imico, imigenzereze n'imyitwarire byiza. Naho iyo ari bibi abana ni byo bigana kandi babura kigorora bakagoramirako kuko Abanyarwanda bavuga ngo "ijya guhona ihera mu ruhongore" Mu muryango rero ni ho umwana ahabwa uburere mbonezamuco bw'ibanze bumutegurira kuzaba uko umuryango umwifuza.

Nubwo muri iki gihe ntabwo ababyeyi bakibona umwanya uhagije wo gutaramana n'abana ntibivanaho uruhare rukomeye bafite mu burere bw'abana. Na bo nk'abatoza "b'Imbuto n'Indirira" bakwiye gutafanya n'abarimu ndetse n'abandi batoza b'izo ngamba gutoza abana ibyivugo bijyanye n'ikigero cyabo cy'ubukure.

Kubera ko abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye baba bamaze kugimbuka no guca akenge kwihimbira ibyabo byivugo ntibigoye kuko no mu ishuri babyiga. Na bo bafite rero uruhare rukomeye mu gufasha abakiri bato kuri bo guhimba ibyivugo ku nsanganyamatsiko zitandukanye zijyanye n'ikigero cyabo. Bashobora guhera ku byo biga mu ishuri, ku myitwarire yabo, ku mirimo bakora imuhira, ku bidukikije, ku mikino bakunda n'ibindi. Urungano rero na rwo rwagira uruhare mu gusakaza iyi nganzo y'ibyivugo muri bagenzi babo bahurira muri gahunda zitandukanye z'ubuzima butari ubwo ku ishuri.

Ibi byivugo bigomba kuba bijyana n'indangagaciro na kirazira ababyeyi na bo batozwa mu masibo yabo zirebana n'iterambere ry'umuryango na gahunda za Leta. Ibi byafasha abana kugenda bicengezamo no gukurana izo ndangagaciro zizakomeza kubayobora bamaze no kuba bakuru. Inzira utoje umwana akiri muto arinda asaza atarayivamo.

### 4.4. Umusozo

Muri uyu mutwe twagaragaje ko ibyivugo by'intore muri iki gihe ari ibyivugo bihamye bifite uturango tw'ibyivugo byo hambere. Twanerekanye indangagaciro zinyuranye zikubiyemo Igihugu cyacu kirimo kubakiraho iterambere.

Twagaragaje kandi uburyo abana mu mashuri ndetse no mu muryango batozwa inganzo y'ibyivugo hakiri kare n'uburyo byabubakamo indangagaciro na kirazira Igihugu gishyize imbere.

Ibyivugo by'intore muri iki gihe ni imvugo ngiro kuko ntiwakwirata ibigwi utagaragariza mu bikorwa ibyo uvuga. Mu muryango bagiye ahiga kandi bakesa imihigo imbere y'abandi byateza imbere inganzo yo kwivuga n'umuco wo guhiganwa kandi byakwihutisha iterambere.

## UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO

### 5.1. Umwanzuro rusange

Dutangira uyu murimo wacu w'ubushakashatsi, intego yacu yari gusesengura uruhare rw'ibyivugo by'intore muri iki gihe mu kubaka iterambere rirambye. Tumaze gusobanura ingingo zikubiye mu mutwe wa mbere, twakurikijeho kwerekana aho ibyivugo by'intore bitandukaniye n'izindi nshoza babyitiranya nk'amayingabyivugo, ibisingizo n'ibindi. Twanagaragaje kandi ibyiciro by'ibyivugo mu Kinyarwanda tunerekana aho ibyivugo by'intore muri iki gihe bitandukanira n'amazina y'ubutore ndetse n'ibyivugo by'ingabo mu Rwanda rwo hambere.

Izingiro ry'umurimo wacu ryari kubanza kugaragaza ko ibyivugo by'intore muri iki gihe ari ingeri ihamye y'ubuvanganzo nyarwanda. Kubera ko ihange nsesegurarurimi mbandankomoko ari uruhurirane rw'amahange menshi ryadufashije kuboneza neza isesengura ryacu. Ibyivugo by'intore muri iki gihe ni ishusho igaragaza amatwara y'Igihugu n'indangagaciro z'umuco nyarwanda muri iki gihe.

Twifashishije kandi isesenguramisusire twagaragaje ko ibyivugo by'intore ari ibyivugo bihamye mu miterere n'ikivugwa. Ubu buryo bwadufashije kwerekana ko ushingiye ku burebure bwabyo, ibi byivugo bifite imiterere yibutsa ibyivugo by'iningwa byo hambere. Biteye nk'ibyivugo byamamaye cyane mu mpera z'ikinyejana cya XIX bigakomeza kugeza no mu ntangiriro y'ingoma ya Mutara III Rudahigwa. Ibyo byivugo byarangwaga n'urucukirane rwa Ndi mu ntangiriro yabyo bikarata ubutwari umuntu atigeze agaragaza ku rugamba kuko nta ntambara zari zikiriho.

Ikindi isesenguramisusire ryadufashije kugaragaza ni uko ibyivugo by'intore bigira interuro y'ikivugo na se w'interuro nkuko ibyivugo byahimbirwaga mu itorero ryo hambere byari biteye. Ikindi twerekanye twifashishije isesenguramisusire ni uko imyubakire yabyo igiye mu nteruro ngufi zikoresha amagambo agusha ku ishyaka buri mutwe w'intore na buri ntore bashyize imbere. Ikindi twerekanye twifashishije isesenguramisusire ni uko imyubakire yabyo igiye mu nteruro ngufi zikoresha amagambo agusha ku ishyaka buri mutwe w'intore na buri ntore bashyize imbere.

Twifashishije isesengurangingo twasesenguye ingingo zirindwi twasanze zigaragaza cyane mu byivugo by'intore twashoboye gushyikira. Muri izi ngingo hari izari zisanzwe ariko zagiye zisenyuka kuva aho itorero ryo hambere rikuriweho zirimo ubumwe bw'Abanyarwanda, gusigasira no kurinda umurage wa Gihanga, n'izindi hakaba n'indagagaciro nshya nk'uburinganire n'ubwuzuzanye, ubumenyi n'ikoranabuhanga, ubukungu no kubungabunga ibidukikije, kuranga u Rwanda no kwagura amarembo.

Twifashishije isesengurangingo n'isesenguramatwara twerekanye ko ibyivugo by'intore muri iki gihe bikubiyemo ibitekerezo cyangwa se bigaragaza umurongo wa poritiki ngenderwaho Igihugu cyacu gishyize imbere nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Ubu buryo bwose bwadufashije kwerekana isano iri hagati y'indangagaciro zibumbiye mu byivugo by'intore n'iterambere rirambye. Twabigaragaje tugendeye ku bisobanuro byashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'isi birebana n'ibidukikije n'iterambere rirambye yo mu wa 1987 ndetse n'ibyashyizwe ahagaragra n'Umuryango w'Abibumbye (ONU) bivuga ku Ntego z'Iterambere Rirambye (SDGs) ndetse n'Ikerekezo cy'u Rwanda 2050.

Twerekanye kandi uburyo bwiza tubona ibyivugo by'intore byatozwa abanyeshuri bo mashuri abanza n'ayisumbuye ndetse bikigishwa no mu muryango. Ibi bikozwe mu buryo buboneye kandi buri rwego bireba rugakora ibiri mu nshingano zarwo, inganzo y'ibyivugo yakongera kogera mu Banyarwanda. Ibyivugo by'intore muri iki gihe bikaba koko umuyoboro mwiza wafasha Abanyarwanda gukomeza kwiyubakamo umuco wo guhiga no kwesa imihigo no kwicengezamo indangagaciro Igihugu gifite zo kubaka iterambere rirambye.

### 5.2. Ibyifuzo ku nzego zifata ibyemezo

Ibyivugo by'intore muri iki gihe ni byivugo ngiro bikubiyemo indangagaciro u Rwanda rwakubakiraho iterambere rirambye kuko bihuye n'intego z'iterambere rirambye. Ni yo mpamvu twifuza ibi bikurikira:

1. Minisiteri y'Ubumwe ifite mu nshingano zayo uburere mboneragihugu ifatanyije n'abashakashatsi bakunda umuco nyarwanda gukomeza guhimba ibyivugo by'intore bijyanye n'ibyiciro by'imibereho y'Abanyarwanda.

2. MINUBUMWE kandi ikwiye gufatanya n'abashakashatsi kunoza ibyivugo by'intore no kubitangaza kugira ngo abakenye kubikoraho ubushakashatsi babone aho babishakira. Ibi byivugo bimaze kwegeranywa no kunozwa byanahindurwa no mu ndimi z'amahanga kugira ngo n'abanyamahanga bamenye ko Umunyarwanda muri iki gihe ativuga ibyivugo birata ubwicanyi gusa nkuko bagiye babyandika mu bihe byatambutse.

3. Tubona mu by'ukuri ibi byivugo ari ibyivugo by'imihigo bityo hakwiye kugaragara ikindi kiciro k'ibyivugo ngiro bigaragaza neza uko ya mihigo

intore yapfundikiye mu itorero igenda iyesa mu mikorere n'imyitwarire bya buri munsi.

4. Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikwiye gukomeza gutoza umuco wo guhiga no kwesa imihigo uhereye mu masibo yo mu Mudugudu ugakomeza ku nzego zo hejuru. Umuntu akajya imbere akaratira abandi ibyo yagezeho mu kivugo. Ibi byatera ishyaka abandi babana mu isibo kandi byanubaka umuco wo kuvuga ukuri, guhiga no kwesa imihigo. Byatuma inganzo y'ibyivugo yongera kogera mu Banyarwanda maze ibyivugo bikajyana n'ibikorwa bifatika intore yagezeho aho ibarizwa mu mutwe cyangwa mu isibo byayo.

5. MINEDUC ibinyujije mu Kigo k'Igihugu Gishinzwe Uburezi (REB) yakwinjiza mu nteganyanyigisho ibyivugo by'intore mu byiciro byose by'amashuri abanza n'ayisumbuye kugira ngo za ndangagaciro tugenda twubakiraho iterambere rirambye umwana azirereshwe azikuriremo. Imiterere yabyo n'ikivugwa byajyana na buri kiciro cy'amashuri n'ikigero cy'ubukure cy'abanyeshuri.

6. Ku mashuri makuru na kaminuza abashakashatsi bafatanya n'inzego zibishinzwe kunoza ibyivugo by'intore maze bikinjizwa mu isomo rirebana n'itozamuco n'indangagaciro nyarwanda bikajya bisesengurirwa hamwe n'ibyivugo byo hambere byagushaga ku butwari bw'ingabo ku rugamba. Byakwereka neza urubyiruko uburyo u Rwanda rugenda rwiyubaka mu iterambere rusigasira umuco warwo n'izindi ndangagaciro tugenda twunguka uko ibihe biha ibindi.

### 5.3. Ibyivugo n'ubushakashatsi buri imbere

Mu gusoza uyu murimo ntitwavuga ko twavuye imuzi n'imuzingo ibyavugwa kuri iyi nsanganyamatsiko. Uburyo, igihe ndetse n'imiterere y'ubushakashatsi ntibyabitwemereye. Mu minsi iri imbere turateganya kwerekana uburyo inganzo y'ibyivugo yakwira mu mashuri yose uhereye mu mashuri y'inshuke ukageza mu mashuri makuru na kaminuza. Turateganya kandi kwegeranya ibyivugo byagenda bihimbwa n'abanyeshuri tukazabinoza bikaba byaba imfashanyigisho yakwifashishwa muri gahunda y'itorero mu mashuri yose.

Ubushakashatsi bwakomeza kuko hari byinshi byavugwa ku byivugo by'intore cyane ko ari inganzo nshya y'ibyivugo. Umuntu ashobora no kubyiga areba imisusire gusa ku buryo bwimbitse cyangwa se agafata ingingo imwe akareba uko yigaragaza muri ibyo byivugo byose. Ubushakashatsi bwanakomeza no ku bundi bwoko bw'ibyivugo. Amarembo arafunguye.

## IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE

### A. Ibitabo


Baker, S., (2006). *Sustainable development.* London: Routledge.

Bigirumwami, A., (1971). *Ibitekerezo, indirimbo, imbyino, inanga, ibyivugo, ibigwi, imyato, amahamba n'amzina y'inka, ibiganiro*. Nyundo.

Bigirumwami, A. (1984). *Imihango, imigenzo n'miziririzo mu Rwanda*. Nyundo.

Coupez et Kamanzi, (1970). *Littérature de cour au Rwanda*. Oxford.

Commission Mondiale sur l'Environnement et le Développement (1989). *Notre avenir à tous.* Editions du fleuve

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, (2016). *Inkingi z'umuco w'u Rwanda zihutisha iterambere.* Kigali.

Kabuta, N.S., (2013). *Atelier Kasala : Manuel de l'animateur* (s.éd.).

Kagame, A., (1969). *Introduction aux grands genres lyriques de l'ancien Rwanda.* Butare: Editions Universitaires du Rwanda.

Kampayana, F., (1984). *L'homme et la langue : Etude ethnolinguistique du "kwivuga", genre littéraire rwandais.* Mémoire de licence, UNR.

Kayumba, M.K., (2009). *Ibyîivugo: ingeri y'ûbusîzi bunyarwaanda bwô haambere*. Huye: IRST.

Kimenyi, A., (1990). *U Rwanda rugari. Ibyivugo by'abami n'intwari z'u Rwanda*. Sacramento.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, (2018). *Imfashanyigisho y'umutoza w'ingamba y'intore*. Kigali.

Maniragaba Baributsa, (1987). *Umuco mwiza mu bantu ni ishingiro ry'amajyambere nyayo.* Kigali: Imprimerie Nationale du Rwanda.

Mbonimana, G. na Nkejabahizi, J.C., (2011). *Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya.* Editions de l'Université Nationale du Rwanda.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, (1982). *Ikinyarwanda: urwunge rw'imyandiko mfashanyigisho. Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye. Igitabo cy'umunyeshuri.* Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Yisumbuye. Kigali.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, (1986). *Ikinyarwanda: gusoma no gusesengura imyandiko VIA. Igitabo cy'umunyeshuri.* Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Yisumbuye. Kigali.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, (1986). *Ikinyarwanda: gusoma no gusesengura imyandiko VIA. Igitabo cy'umunyeshuri.* Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Yisumbuye. Kigali.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, (1988). *Ikinyarwanda: gusoma no*

*gusesengura imyandiko V. Igitabo cy'umunyeshuri.* Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Yisumbuye. Kigali.

Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, (1989). *Ingoma ya Kigeli Rwabugili na Nyirayuhi Kanjogera.* Ubuyobozi Bukuru bw'Umuco n'Ubugeni, Kigali.

Mouralis, B., (1984**).** *Litérature et développement. Essai sur le statut, la fonction et la representation de la literature negroafricaine d'expression française.* Paris: Silex

Ngarambe, S., (1988). *L'apprentissage du Kinyarwanda par le biais de la Littérature orale rwandaise : Une approche ethnolinguistique*. Memoire de licence, UNR, Ruhengeri.

Nkejabahizi, J.C., (2013). *Les wellérismes du Rwanda : Une approche ethnolinguistique*. Editions de l'Université Nationale du Rwanda.

Nkejabahizi, J.C., (2018). *Isesenguramyandiko n'ijoranganzo*. Eds. of University of Rwanda.

Nkusi, L., & Mukama, E. Eds (2019). *Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu.* African Minds, 4 Eccleston Place, Sommerset West 7130, Cape Town, South Africa.

Ntakirutimana, E., (2010*). Le Rwanda et la politique du saumon. Un retour à la*

*source pour un développement durable intégré.* Commission de Recherche de l'Université Nationale du Rwanda, Editions de l'Université Nationale du Rwanda.

Rugamba, C., (1984). *Abambari b'inganzo ngari.* Butare : Institut National de Recherche Scientifique.

Rugamba, C., (1987). *La poésie face à l'histoire.* Butare: INRS.

Rodegem, F.M., (1973). *Anthologie rundi accompagné de traductions et de Commentaires.* Paris: Classiques Africains, Armand Collin**.**

**B. Inyandiko ngufi zifashishijwe**

Karani, J.B., (1986). Situation de l'enseignement du Kinyarwanda à l'école secondaire. in *Séminaire sur l'ensegnement du Kinyarwanda à l'école secondaire*, Kigali du 27 au 29 juin 1983, p. 10. Kigali: Direction des Programmes de l'Enseignement Secondaire..

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, (2020). *Imfashanyigisho yo kwimakaza Ikinyarwanda mu ntore z'u Rwanda.* Musanze.

Ngarambe, S., (2021). Uruhare rw'ibyivugo mu gukungahaza Ikinyarwanda. Inteko y'Umuco *Umurage* n$^0$1, urup.140-161. Kigali.

Nkejabahizi, J.C., (2019). Ubuvanganzo, umuco n'ubushakashatsi in

*Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imianire y'abantu,* urup. 34-57. South Africa, Cape Town: African Minds, 4 Eccleston Place, Sommerset West 7130,

Ntakirutimana, E., Mukama, E., & Niyibizi, E., (2019). Ubushakashatsi, ururimi n'uburezi. *Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu*, urup. 17-33. South Africa, Cape Town: African Minds, 4 Eccleston Place, Sommerset West 7130.

Nkejabahizi, J.C., (2019). Ubuvanganzo, umuco n'ubushakashatsi in *Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu,* urup. 34-57. South Africa, Cape Town: African Minds, 4 Eccleston Place, Sommerset West 7130.

**UMUGEREKA: Urutonde rw'ibyivugo by'intore twashyikiriye**

| $N^0$ | Izina ry'umutwe | Ikivugo |
|---|---|---|
| 1. | Indemyamihigo<br><br>Umutwe w'ingabo wiyeje gukora igikorwa cy'ubutwari. | Ndi Indemyamihigo<br>Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga<br>Ndi umusemburo w'ubutore<br>Ndi umutoza ubereye u Rwanda<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda<br>N'iterambere rya Afurika |
| 2 | Indemyabigwi<br>(Abarezi b'u Rwanda) | Ndi indemyabigwi mu nkomezamihigo<br>Ndi umurezi w'intagamburuzwa<br>Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga<br>Ndi umurezi ubereye u Rwanda<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika |
| 3 | Inkomezamihigo<br>( Urubyiruko rw'u Rwanda rwiyemeje gukomeza ibikorwa by'ubutwari) | Ndi Inkomezamihigo<br>Ndi indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga<br>Ndi umurinzi w'ibyagezweho<br>Mparanira kwigira no kwihesha agaciro<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| **4** | Inkomezabigwi | Ndi inkomezabigwi mu nkomezamihigo<br>Ndi intore yo ku rugerero rw'umurage wa Gihanga |

| | | |
|---|---|---|
| | | Ndi umurinzi w'ibyagezweho<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika". |
| 5 | Intagamburuzwa<br><br>(Abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza) | Ndi Intagamburuzwa mu Nkomezamihigo,<br>Ndi Umurinzi w'ibyagezweho,<br>Ndi Indashyikirwa mu bumenyi,<br>Ndi Nkoreneza bandebereho.<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afrika". |
| 6 | Indangamirwa<br>(Abanyeshuri biga hanze y'u Rwanda) | Ndi Indangamirwa mu Nomezamihigo<br>Ndi umuranga w'u Rwanda<br>Nkaba ku isonga mu kurushakira imbuto n'amaboko. |
| 7 | Mutimawurugo<br>(Abagore b'u Rwanda) | Ndi Mutimawurugo<br>Ndi Nyampinga<br>Ndi umugore ubereye u Rwanda |
| 8 | Imbonezamurage<br>( Abashinzwe umutungo kamere**,** ibidukikije, iteganyagihe, imitunganyirize y'imiturire | Ndi Imbonezamurage mu Nkomezamihigo<br>Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga<br>Mparanira gusigasira ishingiro ry'iterambere rirambye<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 9 | Impeshakurama<br>(Abakorera mu rwego rw'ubuzima) | **"**Ndi Impeshakurama<br>Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga<br>Ndi Imbangukiragutabara |

| | | |
|---|---|---|
| | | Mparanira ubuzima buzira umuze<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika". |
| 10 | Abashingwangerero<br><br>(Abayobozi b'Utugari) | Ndi Rushingwangerero<br>Ndi umurinzi w'ibyagezweho<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 11 | Inkerabigwi<br><br>(Abarimu bo mu mashuri makuru na kaminuza) | Ndi Inkerabigwi<br>Ndi umutoza w'Intagamburuzwa<br>Ndi umurezi ubereye u Rwanda<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 12 | Indatabigwi<br><br>(Abahanzi) | Ndi Indatabigwi mu Nkomezamihigo<br>Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga<br>Ndi umuhanzi ubereye u Rwanda<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika |
| 13 | Impamyabigwi<br><br>(Abanyamakuru) | Ndi Impamyabigwi mu Nkomezamihigo<br>Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga<br>Ndi umurinzi w'ibyagezweho<br>Ndi Intumwa idatenguha<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika". |
| 14 | Indemyabusugire<br>(Abakozi ba REG) | Ndi Indemyabusugire bw'u Rwanda<br>Ndi imbarutso y'ubukungu |

| | | |
|---|---|---|
| | | Ndi ishingiro ry'ubusụsuruke<br>Ishema ryange ni ukunurikira rubanda<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 15 | Imbonezamihigo<br><br>(Abayobozi b'inzego z'ibanze) | Ndi Imbonezamihigo<br>Ndi intumwa idatenguha<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 16 | Urunana rw'Urungano<br><br>(Urubyiruko rw'u Rwanda) | Ndi Inkomezamihigo<br>Ndi indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga<br>Ndi umurinzi w'ibyagezweho<br>Mparanira kwigira no kwihesha agaciro<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 17 | Inkeramihigo<br><br>( Imiryango itegamiye kuri Leta) | Ndi Inkeramihigo<br>Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga<br>Ndi ingabo nziza mu Nkomezamihigo<br>Nkorera u Rwanda ntawe nsiganya<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 18 | Imbamburiramihigo<br><br>(Abayobozi b'Amashami mu nzego | Ndi Imbamburiramihigo<br>Nsizanira kuba ku isonga mu kerekezo cy'u Rwanda<br>Ndi rudacogora ku rugamba ruharanira ineza |

| | | |
|---|---|---|
| | z'imirimo ya Leta) | y'Umunyarwanda<br>Ndi umutoza w'umurimo unoze<br>Ndi nkore neza bandebereho<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 19 | Impariirwakubarusha<br><br>( Abakora siporo) | Ndi Imparirwakurusha<br>Ndi rutaganira mu mahina<br>Ndi umukinnyi ubereye u Rwanda<br>Nkaba ku isonga ryo kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 20 | Ingamburuzabukene<br><br>(Abakozi bo mu rwego rw'uuhinzi n'ubworozi) | Ndi ingamburuzabukene itiganda,<br>Ndi ku isonga mu mpinduramatwara y'ubuhinzi n'ubworozi,<br>Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga,<br>Ndi umurinzi w'ibyagezweho,<br>Nkaba ku isonga yo kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika. |
| 21 | Indemyabukungu<br>Abayobozi<br>b'amakoperative) | Ndi Indemyabukungu mu Nkomezamihigo<br>Ndi Ngabonziza mu rungano<br>Urungano rusizanira ubukire bushingiye ku by'iwacu<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika. |

| | | |
|---|---|---|
| 22 | Isonga<br><br>(Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Imirenge) | Ndi Isonga<br>Mudateshuka ku nshingano<br>Ndi nkore neza bandebereho<br>Ndi umurinzi w’umurage wa Gihanga<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n’iterambere rya Afurika. |
| 23 | Iz’i Mutakara<br><br>(Abakora mu rwego rw’ubutabera) | Ndi iy’i Mutakara mu Nkomezamihigo<br>Ndi umurinzi w’ituze n’ubusugire bw’Abanyarwanda<br>Nimakaza ubutabera bushingiye ku murage wa Gihanga<br>Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda twifuza n’iterambere rya Afurika |